INYIGISHO YA BURI MUNSI
UAMBO RYAWE RYA BURI MUNSI

IGICE CYA 4

Ukwakira - Ugushyingo - Ukuboza

2026

InkuruNziza

BURI MUNSI



NTA KIGUZI

KUGURISHWA NTIBYEMEWE

IYI NYIGISHO YAMAZE KWISHYURWA
N'ABAFATANYABIKORWA
KUGIRA NGO ISAKAZWE KU
BUNTU.

Nkuko amazi afutse amerera umutima waka, ni ko n'inkuru nziza zimera zivuye mu gihugu cya kure **(Imigani 25:25)**

Uebert & BeBe

ANGEL

INGINGO YA 4 | 2026

UKWAKIRA-UGUSHYINGO-UKUBOZA

IMYIRONDORO YAWE

Amazina:

Telefone:

INTEGO ZAWE MURI IKI GIHEMBWE

INkuruNziza ya Buri Munsi yagenewe kugufasha gukura binyuze mu Ijambo ry'Imana buri munsi. Jya usoma iyi nyigisho witonze maze utekereze ku butumwa burimo.

Jya usenga isengesho rya buri munsi kandi waturane ukwizera Ijambo rya Gihanuzi, wizere ko Imana iri gukora mu buzima bwawe.

Jya ukurikirana umukoro wo gusoma Bibiliya buri munsi kandi usoma n'ibindi byanditswe kugira ngo ukomeze gusobanukirwa Ijambo ry'Imana maze wubake umubano uhamye na Yo.

Uko usoma iyi nyigisho ya buri munsi, wizere ko Ijambo ry'Imana rizakuyobora, rikagukomeza kandi rikakuyobora mu ntsinzi.
Ryoherwa mu mwanya uri kumwe n'Imana hamwe n'inkuruNziza ya Buri Munsi, Imana iguhe umugisha.

Umuhanuzi Uebert Angel



GoodNews DAILY

UBUSOBANURO KU NYIGISHO Y'INKURU NZIZA YA BURI MUNSI

Inyigisho y'Inkuru Nziza ya buri munsi ni igikoresho gikomeye cy'umukristo cyandikanywe ubuhanga kugira ngo gitange amasomo akomeza umuntu mu mwuka buri munsi w'umwaka. Itanga ubumenyi bwimbitse, n'ihishurirwa rikomeye, ndetse n'ijambo rya gihanuzi rya buri munsi bigamije kuyobora abayisoma mu buzima bugengwa na Kristo, ishingiye ku nyigisho zizana impiduka ndetse n'ihishurirwa ry'Umuhanuzi Uebert Angel. Isohoka kane mu mwaka, iyi nyigisho ifite itandukinyirizo ryo kuba igera ku isi hose, ikaba iboneka ku buntu mu ndimi nyinshi kugira ngo irenge inzitizi z'ururimi kugira ngo ubutumwa bwayo buhindura ubuzima bubashe kugerwaho na bose ku isi yose. Isohoka mu byiciro byihariye ari byo icy'abakuru, ingimbi ndetse n'icy'abana, iyi nyigisho y'Inkuru Nziza izana Ijambo rya Gihanuzi kuri buri wese mu kigero cye, bigatera umuryango imbaraga zo gukurira hamwe mu kwizera no mu ihishurirwa.

UEBERT & BEVERLY ANGEL



Mu myaka myinshi bamaze mu murimo w'Imana uhoraho, Uebert na Bebe Angel ni amajwi ayoboye kandi aganje mu gutangaza Inkuru Nziza y'Ubuntu bw'Imana ndetse n'ubuhanuzi ku isi hose. Bombi ni abanditsi b'ibitabo byakunzwe na benshi aribyo Intambara y'Umwuka, Ubucuti, Banki ' Amasengesho, Imbaraga Zidasanzwe z'Uwizera, ndetse n'Inyigisho y'Inkuru Nziza ya buri munsi, batanze umusanzu ukomeye mu nyandiko za Gikristo. Uebert na Bebe Angel ni abigisha bavuga mu biterane bifuzwa n'isi yose kandi nk'abayobozi ku rwego rw'Isi, bubahirwa iyerekwa ryabo, udushya no gushira amanga. Nk'abashinze Itorero ry'Ubutumwa Bwiza (Spirit Embassy) bakagira n'umuhamagaro Wa gihanuzi, bahinduye ubuzima bwa miliyoni z'abantu ku isi yose biciye mu rukundo rwabo rwo kuzana ubugingo kuri Kristo binyuze mu iyerekwa ry'Ubutumwa Bwiza bw'ubuntu bw'Imana.



IMIRONGO IBA IRI KU MAPETI Y'UMUPILOTE

1 Abakorinto 15:58
Nuko bene Data bakundwa, mukomere mutanyeganyega murushaho iteka gukora imirimo y'Umwami, kuko muzi yuko umuhati wanyu atari uw'ubusa ku Mwami.

Mu rwego rw'indege, amapeti (stripes) ari ku myambaro y'abapilote agaragaza urwego n'inshingano bafite. Umupilote uri mu myitozo cyangwa ukiri muto ashobora kugira ipeti ririho umurongo umwe cyangwa ibiri, umupilote wungirije wuzuye ubumenyi akagira itatu, naho kapiteni uyoboye indege akagira ine. Umubare w'iyo mirongo iri ku ipeti ry'umupilote igaragaza imyaka y'ubwitange, imyitozo n'imbaraga umuntu yashoye mu mwuga we. Mbere y'uko abantu babona umusaruro w'umurimo w'umupilote, habanza imyaka myinshi y'imyitozo no kwitanga, kandi amaherezo y'ibyo byose bikagira ingororano.

Ni nako bimeze no mu Bwami bw'Imana. Umurimo ushyira mu guteza imbere Ubwami bw'Imana ntujya wirengagizwa. Uko ukomeza gukorera Imana mu budahemuka kandi ugakura mu mwuka, "imirongo yo ku ipeti" ryawe itangira kugaragara. Inshingano zawe ziriyongera kandi imbuto z'umurimo wawe zikagaragara. Iyegurire umuhamagaro Imana yaguhaye, maze urebe imigisha yayo isukwa mu buzima bwawe.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, ndagushimira ko wanyemereye kugukorera n'umwete. Nzi neza ko igihe intekerezo zanjye zigushyize imbere, sinshobora gutsindwa.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Mbaho ubuzima bwo kwitangira Imana n'umurimo wayo! Uko nyikorera n'ubwitange, "imirongo yo ku ipeti" ryanjye yo mu mwuka iragenda igaragara! Uko inshingano zanjye ziyongera, ni nako imigisha y'Imana yiyongera mu buzima bwanjye.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Abaheburayo 6:10

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 306
Luka 19:1-27; Zaburi 103-104



AMABARA Y'IGIKERI CY'UBUMARA

Yakobo 1:14-15
Ahubwo umuntu wese yoshywa iyo akuruwe n'ibyo ararikiye bimushukashuka.

Mu bwami bw'inyamaswa, igikeri cy'umubara (Dart Frog) kigenda hasi mu mashyamba, nyamara kiri mu biremwa bitangaje cyane ku isi. Gifite uruhu rw'amabara meza cyane rugenewe kuburira abashaka kukirya. Iyo inyamaswa ikigerageje kugihungabanya cyangwa kukirya, ihita yumva ubukana bw'uburozi bukomeye buri ku ruhu rwacyo.

Umwanzi ntahora aza yigaragaza mu buryo bugaragara cyangwa butangaje. Ariko nk'uko igikeri cya dart gifite uburyo bwo kwirwanaho butuma abashaka kukigirira nabi batekereza kabiri, ni ko Imana yaguhaye Ijambo ryayo ngo rikubere uburinzi. Komereza ku mwanzuro wawe wo kunesha ibitero bya Satani wiyubaka buri munsi mu Ijambo ry'Imana. Ntukemere kugwa mu mayeri y'umwanzi, kuko wamaze guhabwa imbaraga zo guhangana na we no gutesha agaciro ibitero bye.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, ndagushimira ko wanyambitse intwaro ariryo Jambo ryawe. Kubera ubumenyi mfite bw'Ibyanditswe Byera, umwanzi ntashobora kuntungura.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Sindi injiji ku mayeri ya Satani. Uko yaba aje kose, ubuzima bwanjye bwubakiwe ku Ijambo ry'Imana; ibitero bye nta ngaruka bishobora kungiraho!

GUSOMA BYISUMBUYEHO
1 Yohana 2:16

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 307
Yesaya 56-58; Abakolosayi 4



UHUMYE NK'AGACURAMA

Yosuwa 6:2
Uwiteka abwira Yosuwa ati "Dore nkugabije i Yeriko n'umwami waho n'intwari zaho.

Ushobora gutungurwa no kumenya ko nubwo imvugo ngo "UHUMYE NK'AGACURAMA" ikoreshwa cyane, igitekerezo kivuga ko agacurama katabona ni ikinyoma. Ducurama twose turabona. Ariko imbaraga z'agacurama ziri mu buryo bwihariye bwo gukoresha amajwi, buzwi nka echolocation, bubifasha "kubona" binyuze ku majwi. Bisohora amajwi afite umurongo muremure, ayo majwi agasubira inyuma nka nyiramubandi amaze gukubita ku bintu, maze ubwonko bwayo bugasobanura imiterere, intera ndetse n'ubuso bw'ibyo bintu.

Nk'Abakristo, echolocation (uburyo bwo kumenya ibintu biri kure ukoresheje amajwi ya nyiramubandi avuye kubyo urimo kureba biri kure) yacu ni Ijambo ry'Imana. Ijambo rirabisobanura neza: ubushobozi bwawe bwo gutekereza ni bwo bushobozi bwawe bwo kurema. Mbere y'uko Yeriko ihabwa Yosuwa, yabanje kuyibona. Kugira ngo ubashe gutunga ibyo Imana igushakira byose, ugomba kubanza kubibona mu bitekerezo byawe. Umva ijwi ry'Ijambo ry'Imana maze utangire kubona ibyo Imana yamaze kuguha ku buntu.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, ndagusaba ko uko numva Ijambo ryawe buri munsi, mbashe gutunga ibyo wampaye byose ku buntu.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndabona inzugi nyinshi z'amahirwe zifungukira imbere yanjye muri uyu mwaka! Uko numva ijwi ry'Ijambo ry'Imana, ni ko mbona amasezerano yayo asohora mu buzima bwanjye.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Itangiriro 13:14-15

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 276
Yesaya 59-61; 1 Abatesalonike 1



UBURYO BW'IMANA BUTUNGURANYE

Yohana 9:6
Amaze kuvuga atyo acira amacandwe hasi, ayatobesha akondo akamusīga ku maso.

Abakristo benshi bibanda cyane ku buryo Imana izabagezaho umugisha cyangwa igitangaza ku buryo batangira kubara ingorane zishobora kubamo mbere y'uko banabishyira imbere y'Imana. Nyamara muri Bibiliya hose tubona ko Imana ishobora gukoresha uburyo budasanzwe kugira ngo ifashe abantu bayo.

Mu cyanditswe cy'uyu munsi, Umwami Yesu yakijije impumyi akoresheje akondo yakoze avanze amacandwe n'ivumbi, maze akamusiga ku maso. Yashoboraga no kuba yamukiza ako kanya adakoresheje ubwo buryo, ariko yahisemo gukora mu buryo budasanzwe.

Iyi nkuru itwigisha ko uko uburyo Imana ikoresha bwaba budasanzwe cyangwa budasobanurwa n'ubwenge bwa muntu, ifite ubushobozi bwo kugukiza no kugukura mu kibazo icyo ari cyo cyose. Ntugahangayikishwe n'uko, ryari cyangwa uburyo bizakorwamo. Ukorera Imana ikora ibitangaza birenze uko umuntu yabitekereza. Yizere, uko yaba ihisemo gukora kose.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami Mana, nyobora uko ntangira iki cyumweru gishya. Geza imigisha yawe kuri njye n'umuryango wanjye, uko byagenda kose, mu Izina rya Yesu.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nkorera Imana ikora ibitangaza bitangaje! Nubwo ibihe cyangwa ibibazo byasa n'ibikomeye, bitoroshye cyangwa bidashoboka, ndanesha kuko Imana yampaye ubushobozi bwo gutsinda umwanzi!

GUSOMA BYISUMBUYEHO
1 Abakorinto 1:27

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 277
Yesaya 62-64; 1 Abatesalonike 2



GoodNews DAILY

IJAMBO NI IGIKONA CYO MUMAZI KIVAMO ISARO RYAWE (Oyster)

Yakobo 1:22
Ariko rero mujye mukora iby'iryo jambo, atari ugupfa kuryumva gusa mwishuka.

Hari imvugo izwi cyane igira iti: "Isi ni iyawe." Abantu benshi bayifata nk'ubutumwa bubashishikariza kwizera ko amahirwe ari hafi yabo. Nyamara inkomoko yayo iva mu ikinamico ya Shakespeare yitwa The Merry Wives of Windsor, yanditswe hashize imyaka irenga magana ane. Interuro yuzuye igira iti: "Isi ni IGIKONA CYO MUMAZI KIVAMO ISARO ryanjye, kandi narifungurisha inkota." Mu by'ukuri, iyo mvugo yashakaga kuvuga ko isi irimo ubutunzi, ariko ko bugomba kugerwaho binyuze mu mbaraga no gukora. Amahirwe ntbwo yizana , arahara nirwa!

Ni nako Ibyanditswe bitwigisha gufata amasezerano y'Imana binyuze mu bikorwa, kumvira no kwizera. Ijambo ry'Imana ni igitabo cy'amabwiriza cya buri mwana w'Imana. Rikubiyemo ubutunzi bwo mu mwuka n'amasaro azana intsinzi n'iterambere. Ntabwo bihagije kuryumva gusa; ugomba no kurikoresha. Nk'uko umuntu afungura igikona cyo mu nyanja (Oyster) kugira ngo akuremo isaro, ni ko ugomba gushyira mu bikorwa Ijambo kugira ngo ubone ubutunzi burimo.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, mfasha kuba umunyeshuri mwiza kurushaho w'Ijambo ryawe, kugira ngo menye ubutunzi bwinshi burimo.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ijambo ry'Imana ririmo ubutunzi bwo mu mwuka n'ubwo mu buzima busanzwe. Uko nshyira mu bikorwa amahame yaryo, ni ko mbona ibisubizo. Ubuzima bwanjye buritabira, inzugi zigafunguka, kandi ibyo nkora bikabyara impinduka zigaragara.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Yakobo 2:17

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 278
Yesaya 65-66; 1 Abatesalonike 3



KWINJIRA MU GIHUGU CY'ISEZERANO

Abakolosayi 1:13
Ni we wadukijije ubutware bw'umwijima, akadukuramo akatujyana mu bwami bw'Umwana we akunda.

Nyuma yo kunyura mu bibazo, imivurungano n'ingorane z'ubuzima, abantu benshi bahindukirira Imana kuko ari Yo ishobora kubakiza no kubakiza ibihe by'umubabaro n'amakuba. Ariko hari igihe bibagirwa ko gukurwa mu kibazo atari byo byonyine Imana yasezeranye mu Ijambo ryayo. Ishaka kugukura mu mwijima Ikakwinjiza mu buzima bushya bw'umucyo.

Abisirayeli bamaze imyaka myinshi mu bucakara bwa Egiputa. Imana yabakijije ikoresheje Mose ibakura muri ubwo bucakara. Ariko amateka yabo ntiyarangiriye aho. Urugendo rwabo rwasojwe no kwinjira mu gihugu cy'amata n'ubuki, Igihugu cy'Isezerano.

Ni nako bimeze kuri wowe. Imana ntiyakuvanye gusa mu mwijima, ahubwo yakwinjije mu Bwami bwayo bwuzuye imigisha, gukira, amahoro n'iterambere. Ntabwo yagukuye gusa mu bibazo, ahubwo yanakwijeje ko ibyo yakwinjijemo biruta kure ibyo yagukuyemo.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, mfasha kugendera mu mucyo wanyinjijemo kugira ngo ubuzima bwanjye bugaragaze uwo uri we. Amen.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nakuwemo ubutware bwa Satani. Imbaraga z'umwijima ntizigifite icyo zishobora ku buzima bwanjye. Imana ntiyankuye gusa mu bibazo, ahubwo yanyinjije mu gihugu cy'amasezerano yasohoye.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Ibyakozwe n'Intumwa 26:18

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 279
Yeremiya 1-2; 1 Abatesalonike 4



ITEGEKO RYA MURPHY

Abaroma 8:28
Kandi tuzi yuko ku bakunda Imana byose bifataniriza hamwe kubazanira ibyiza, ari bo bahamagawe nk'uko yabigambiriye.

Itegeko rya Murphy ni igitekerezo kivuga ko ikintu cyose gishobora kugenda nabi, amaherezo kigenda nabi. Nubwo iri tegeko ryamamaye binyuze mu mvugo zisetsa n'inkuru zitandukanye, abantu benshi barikurikiza mu mitekerereze yabo, bagahora biteze ibibi cyangwa gutsindwa.

Ariko ku mwana w'Imana si ko bimeze. Bibiliya itwigisha ko ibintu byose bifataniriza hamwe kutugirira neza. Nubwo hari "itegeko rya Murphy," hari n'itegeko rya Kristo, itegeko ryo mu mwuka ryemeza intsinzi, iterambere no kugubwa neza.

Kamere ya Gikristo ni ukubaho ubuzima bwuzuye imigisha n'uburumbuke. Ntukabeho utegereje amakuba cyangwa gutsindwa. Ahubwo tangira kwitega ibintu byiza buri munsi.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mana, ndagushimira ku mpano zose wampaye ku buntu bwawe! Uko nkomeza urugendo rw'iki cyumweru, nzi neza ko ibintu byose biri gukorera hamwe ku nyungu zanjye.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ibintu bikomeye biri kuba mu buzima bwanjye! Muri uyu mwaka, amakuba, imyaku n'inyatsi byavuye mu muryango wanjye. Ntegereje kandi nizeye amakuru meza mu Izina rya Yesu!

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Yeremiya 29:11

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 280
Yeremiya 3-5; 1 Abatesalonike 5



GoodNews DAILY

AMAGARA MAZIMA Y'UBUMANA

Gutegeka kwa Kabiri 7:15
Uwiteka azagukuraho indwara zose, ntazaguteza n'imwe muri za ndwara mbi z'Abanyegiputa uzi, ahubwo azaziteza abakwanga bose.

Igihe wemeye Yesu Kristo nk'Umwami n'Umukiza w'ubuzima bwawe, wakiriye kamere ye ubwayo. Ubuzima bwe bw'iteka bwahindutse umugabane wawe uhereye ako kanya. Nyamara abakristo benshi bakomeza gusenga basaba kugira amagara mazima kandi baramaze kuyahabwa binyuze mu gakiza.

Ijambo ry'Imana ritwereka ko indwara ari kimwe mu byazanywe no kugwa kw'isi mu cyaha; ntabwo ari umugabane w'abana b'Imana. Nk'uko Imana itaboshywe n'indwara cyangwa uburwayi, nawe ntubiboshyweho.

Baho ukurikije ibyo Kristo yagukoreye ku musaraba. Imbaraga z'izuka rye ziri gukora muri wowe ubu, atari nyuma y'urupfu gusa. Fata izo mbaraga maze uzigendere mo.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami Yesu, ndagushimira ko wampaye amagara mazima , ubuzima bw'Ubumana! Kuva nakwemera nk'Umwami wanjye, indwara n'uburwayi ntibigifite umwanya mu buzima bwanjye. Ndakugushimira kuko ngendera mu magara mazima.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ubuzima bwanjye buhamya ineza y'Imana. Binyuze muri Kristo, indwara nta bubasha zifite kuri njye cyangwa ku muryango wanjye. Muri uyu mwaka w'Amavuta adasanzwe, amagara mazima y'Ubumana ni umugabane wanjye!

GUSOMA BYISUMBUYEHO
1 Petero 2:24

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 282
Luka 19:28-48; Zaburi 105-106



KUNYEGANYEGA NTIBIVUZE KUGWA

2 Abakorinto 4:17
kuko kubabazwa kwacu kw'igihwayihwayi kw'akanya ka none kwiyongeranya, kuturemera ubwiza bw'iteka ryose bukomeye.

Waba warabonye ko igihe indege iri kuzamuka cyangwa imanuka, ari bwo akenshi ihura no kunyeganyezwa mwinshi? Uko kunyeganyezwa kw'indege guterwa no guhindura urugero rw'ubutumburuke cyangwa kwinjira mu kirere gifite imiterere mishya.

Ni nako bimeze no mu buzima bwa Gikristo. Hari abakristo bahura n'ibibazo cyangwa ibihe bikomeye maze bagatekereza ko Satani ari gutsinda cyangwa ko ubuzima bwabo buri gusubira inyuma. Nyamara ibyo bisa n'imbogamizi bishobora kuba ari ikimenyetso cy'uko Imana iri kubazamura.

Hari ubuhamya bumwe na bumwe butaboneka hatabanje kubaho urugamba cyangwa igihe cyo gutunganywa. Ibyo bituma ubwiza bw'Imana bugaragarira abantu bose. Ntugahangayike igihe ibintu bisa n'ibikomeye. Imana iri kukugeza ku rwego rwo hejuru utigeze ugeraho mbere. Ibyo urimo kunyuramo ubu ni gihamya ko Imana itararangiza umurimo wayo muri wowe.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, mfasha kumenya ko kuzamurwa kuza mu buryo butandukanye. N'iyo ibintu byasa nk'ibigoye, mpa imbaraga zo kubona aho hantu hashya uri kunjyana.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Abanzi banjye ni gihamya ko Imana iri kunzamura! Ndi kuzamuka nk'indege iguruka mu kirere. Nasize hasi uburwayi, imibabaro, ubukene n'ibindi byose byari bintegereje.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Yesaya 48:10

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 282
Yeremiya 6-8; 2 Abatesalonike 1



GoodNews DAILY

UBURYO BW'UBWONKO BWO KUYUNGURURA AMAKURU

Abaroma 7:15
Sinzi ibyo nkora kuko ibyo nshaka atari byo nkora, ahubwo ibyo nanga akaba ari byo nkora.

Iyo umuntu ahora yibwira ati "sinzongera gukora iki kintu," akenshi usanga ari cyo akomeza gutekerezaho kandi amaherezo akaba ari cyo akora. Ibi bisobanurwa n'igice cy'ubwonko cyitwa Reticular Activating System (RAS).

RAS ni igice cy'ubwonko kiyungurura amakuru kandi kigashyira ibitekerezo byawe ku kintu uhora wibandaho. Iyo uhora utekereza ku kintu ushaka kwirinda, ubwonko bwawe bukomeze kugishyira imbere, bikagora ko kikuvamo kikaba cyanagira uruhare mubyo ukora.

Aho kwibanda ku kibi ushaka guhagarika, Ijambo ry'Imana ritwigisha gushyira intekerezo zacu ku byiza. Dufite ubwenge bwa Kristo. Iyo uhaye Imana umwanya munini kuruta ikibazo, dore ko ariwe ubasha gukemura ibibazo, imitekerereze yawe itangira guhinduka, kandi icyo kibazo cyari cyarakwigaruriye kigatakaza imbaraga zacyo.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, ndagusaba ko uko nkomeza gukura mu Ijambo ryawe, ibitekerezo n'ibikorwa byanjye bihinduke ishusho yawe, mu Izina rikomeye rya Yesu!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Mfite ubwenge bwa Kristo. Iyo nshyize amaso yanjye ku byo mu ijuru, ubuzima bwanjye burahinduka kuva imbere bikanagaragara hanze!

GUSOMA BYISUMBUYEHO
1 Abakorinto 2:16

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 283
Yeremiya 9-11; 2 Abatesalonike 2



NDISHYURA IBYO URIMO GUTEKEREZA

2 Timoteyo 2:15
Ujye ugira umwete wo kwishyira Imana nk'ushimwa, umukozi udakwiriye kugira ipfunwe, ukwiriranya neza ijambo ry'ukuri.

Hari imvugo ikunzwe cyane igira iti: "NDISHYURA IBYO URIMO GUTEKEREZA." Iyi mvugo yaturutse ku gitekerezo cyo gushaka "kugura" ibitekerezo by'umuntu, cyane cyane igihe acecetse cyangwa agaragara nk'uri mu bitekerezo byinshi. Akenshi ikoreshwa mu buryo bwo gusetsa, ariko wari uzi ko ibitekerezo byawe biri mu butunzi bw'agaciro gakomeye Imana igushakaho?

Ubutunzi nyakuri buri mu bitekerezo byawe. Ibitabo, radiyo, televiziyo n'ibindi bitangazamakuru birushanwa buri munsi kugira ngo byuzuze ibitekerezo byawe. Nk'umwana w'Imana, ufite inshingano yo guha umwanya iterambere ryawe bwite no gusabana na Kristo binyuze mu Ijambo rye.

Ha ubwenge bwawe Kristo. Iyo utabikoze, ushobora kutabona ibibazo uri gukururira ubuzima bwawe kugeza igihe byakomeye cyane.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, uko ntangira iki cyumweru, nyobora mu kwiga Ijambo ryawe. Mfasha kuvugurura ubwenge bwanjye ku buryo imitekerereze yanjye ya kera, imyitwarire n'uburyo nabagaho bitakomeza kungenga. Amen.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ibitekerezo byanjye bifite agaciro karenze za miliyari! Uko nsoma Ijambo ry'Imana, ubuzima bwanjye burushaho kuba ishusho y'Umwami Yesu Kristo.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Abaroma 12:2

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 284
Yeremiya 12-14; 2 Abatesalonike 3



NATEWE KU MIZI Y'INTSINZI

Yohana 15:5
Ndi umuzabibu, namwe muri amashami. Uguma muri jye nanjye nkaguma muri we, uwo ni we wera imbuto nyinshi; kuko ntacyo mubasha gukora mutamfite.

Mu bumenyi bw'ibimera, guterera ishami ku kindi giti (grafting) ni uburyo bwo gufatanya igice cy'igiti kimwe n'imizi y'ikindi kugira ngo bikure nk'igiti kimwe. Icyo ni cyo Kristo yadukoreye!

Mbere yo kuza kuri Kristo, wari uwo muri iyi si yangiritse kandi yuzuye umwijima. Ariko igihe wamwakiraga, wahise uterwa ku mizi y'ubuzima bw'intsinzi.

Baho ufite iyi mitekerereze: ubuzima bwawe bwa kera ntibukikugenga. Wakuwemo ubutware bw'umwijima, winjizwa mu Bwami bw'Urumuri binyuze mu rupfu n'izuka bya Kristo Yesu. Muri ubu buzima bushya, washyizwe ahantu heza ho kwera imbuto no gutera imbere. Gendera muri uko kuri uyu munsi.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mana, ndagushimira ko wanyeretse ko amateka yanjye atakiri isoko y'ubuzima bwanjye. Wanshyize ahantu heza ho gutsindira!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Natewe ku mizi y'intsinzi. Indwara, ubukene n'amakuba byari iby'ubuzima bwanjye bwa kera; Satani ntashobora kongera kungiraho ububasha. Mfite ubuzima bwa Kristo muri njye.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Abakolosayi 1:13

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 285
Yeremiya 15-17; 1 Timoteyo 1



IKIMASA CYIRUKA

Imigani 3:5-6
Wiringire Uwiteka n'umutima wawe wose, we kwishingikiriza ku buhanga bwawe. Uhore umwemera mu migendere yawe yose, na we azajya akuyobora inzira unyura.

Ikimasa kiruka kiba gifite imbaraga nyinshi kandi kigendera ku muvuduko mwinshi. Ariko iyo cyerekejwe mu nzira itari yo, izo mbaraga zacyo ziba intege nke. Umushumba ntakeneye kugitsinda imbaraga; rimwe na rimwe guhindura gato icyerekezo cyacyo birahagije kugira ngo gitakaze umutekano wacyo.

Ni nako bimeze ku Bakristo benshi. Bashobora gukora cyane kandi bihuta, ariko ntibabone umusaruro. Ikibazo si ukubura imbaraga, ahubwo ni ukubura icyerekezo.

Kugenda vuba mu nzira itari yo birutwa no guhagarara. Buri ntambwe ugenda mu nzira itari yo ikujyana kure y'umugambi w'Imana. Iyo icyerekezo cyawe kitari cyo, n'imbogamizi nto zishobora kugutesha umurongo.

Ntukemere ko imbaraga zawe zikurwanya. Jya ukurikira ubuyobozi bw'Umwuka Wera. Iyo icyerekezo cyawe ari cyo, imbaraga zawe zitanga umusaruro.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, ndagushimira ku bw'UMwuka Wera. Nzi neza ko uko nkomeza uru rugendo rw'iki cyumweru, ari kuyobora buri ntambwe yanjye.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ntabwo ndi nk'ikimasa cyiruka mu nzira itari yo. Intambwe zanjye ziyoborwa n'Umwuka Wera. Iyo nihuje n'ubushake bw'Imana ku buzima bwanjye, gutsindwa biba bidashoboka!

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Abaroma 8:14

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 286
Yeremiya 18-19; 1 Timoteyo 2



IDUKA RY'IBIKOMOKA KU ISUKARI (CANDY STORE)

Yohana 10:10
Jyeweho nazanwe no kugira ngo zibone ubugingo, ndetse zibone bwinshi.

Niba warigeze guha umwana umudendezo wo gufata ibintu by'isukari byinshi ashaka muri supermarket, ushobora kuba warabonye ikintu gitangaje. Kubera ko aba yaramenyereye kubaho mu mipaka no kubuzwa, hari igihe atamenya neza ibyo yemerewe gufata. Ibyo bituma atinya cyangwa agafata bike kuruta ibyo yari yemerewe.

Nubwo wakiriye ubuzima bushya muri Kristo, ugomba gufata ingamba zo kuva mu mitekerereze ya kera. Abakristo benshi ntibabasha kugendera mu byuzuye Imana yabateguriye kuko bagikomeje kubaho mu mipaka bigishijwe n'isi.

Wahawe ubuzima bwuzuye muri Kristo, ariko niba ibitekerezo byawe bikomeje kuba mu mbibi za kera, n'ubuzima bwawe buzaguma muri izo mbibi. Isi yakwigishije kwitega bike, ariko Kristo yaguhamagariye kwakira byose yaguteguriye.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami Yesu, ndagushimira ko warimbishije ubuzima bwanjye! Uko nkomeza uyu munsi, mfasha kubaho nkurikije umuco w'Ubwami bwawe aho gukurikiza umuco w'isi.

GUSOMA BYISUMBUYEHO

Niyomoye ku mitekerereze y'isi! Nk'umwana uri mu iduka ricuruza ibikomoka ku isukari, ndimo gufata buri mpano Kristo yangejejeho, mu Izina rya Yesu!

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Yosuwa 1:3

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 287
Yeremiya 20-21; 1 Timoteyo 3



BYAGERAGEJWE, BYEMEJWE KANDI BYIZEWE

Abaheburayo 4:15
Kuko tudafite Umutambyi Mukuru utabasha kubabarana natwe mu ntege nke zacu, ahubwo dufite uwageragejwe uburyo bwose natwe, nyamara ntiyigeze akora icyaha.

Abavugabutumwa bakunda gushishikariza Abakristo kubaho bagaragaza kamere ya Kristo. Nubwo hari bamwe bagifata ibyo nk'ikintu kidashoboka, Ibyanditswe biratwereka ibinyuranye.

Nubwo Yesu yari Imana byuzuye, yabayeho ubuzima bwa muntu nk'ubwacu. Yahuye n'ibigeragezo, guhemukirwa, kwangwa, ibigeragezo by'isi n'intege nke z'ubuzima bwa buri munsi, ariko ntiyigeze akora icyaha. Ubuzima bwe si urugero rutagerwaho; ni urugero rwageragejwe kandi rwatsinze.

Ijambo ry'Imana si inyigisho gusa cyangwa igitekerezo. Ryarageragejwe, Riremezwa kandi ryakwizerwa kuko Kristo yaribayemo muri ibi bihe nk'ibyo tunyuramo. Iyo ushyira Ijambo mu bikorwa, uba ukurikira inzira Kristo yamaze kunyuramo kandi akayitsinda.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mana, ndagushimira ko usobanukiwe intege nke zanjye. Kubera ko wanesheje buri kigeragezo wahuye na cyo, wampaye imbaraga zo kunesha ibyanjye.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Mbaho nkurikije Ibyanditswe byageragejwe kandi byizewe. Kubera urugero Kristo yansigiye, nta kibazo cyangwa ikigeragezo gishobora guhagarika kuzamuka kwanjye!

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Yohana 16:33

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 289
Luka 20:1-26; Zaburi 107-109



GoodNews DAILY

INTAMBARA YO MU ISHYAMBA RYA TEUTOBURG

Abaroma 12:19
Bakundwa, ntimwihorere, ahubwo mureke Imana ihōreshe uburakari bwayo; kuko byanditswe ngo: 'Guhōra ni ukwanjye, ni jye uzītura,' ni ko Uwiteka avuga.

Mu mateka azwi cyane y'Intambara yo mu ishyamba rya Teutoburg, ingabo z'Abaroma zashakaga kwagura ubwami bwazo mu burasirazuba bw'Uruzi rwa Rhine (mu Budage bw'ubu). Izo ngabo zarutaga abanzi bazo mu mubare, mu ntwaro, mu bumenyi no mu myitozo ya gisirikare, ariko ntizabashije gutsinda.

Nubwo zari zifite imyitozo myiza kandi zikomeye, intambara yabereye mu ishyamba ry'inzitane, rifite inzira nto, imvura nyinshi n'ubutaka bw'ibyondo. Ibyo byatumye imbaraga zazo zose zitagira icyo zimara. Gahunda y'imitwe y'ingabo yarasenyutse, maze zitsindwa buhoro buhoro.

Nk'Abaroma rero , Ushobora gutesha agaciro imbaraga Imana yaguhaye urwana intambara utahamagariwe kurwana. Hari ibibazo bimwe na bimwe Imana itagushaka ko urwana wenyine.

Imana ntiyaguhamagariye gutsinda buri rugamba ku mbaraga zawe bwite. Yaguhaye ubwenge bwo kumenya intambara tugomba kuyirekera. Kwihōrera ni ukw'Imana. Iyo uretse Imana ikakurwanirira, ubika imbaraga zawe kugira ngo ukore ibyo yaguhamagariye.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, mpa ubwenge bwo kumenya intambara ngomba kurwana n'izo ngomba kugushyikiriza. Uko nkwegurira buri kibazo, intsinzi iba yizewe.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nkorera Imana indwanirira! Iyo nyeguriye ibibazo byanjye, intsinzi iba yizewe uko umwanzi yaba ameze kose.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Kuva 14:14

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 290
Yeremiya 22-23; 1 Timoteyo 4



GoodNews DAILY

KUREBA KURE Y'IBIGARAGARIRA AMASO

1 Samweli 16:7
Ariko Uwiteka abwira Samweli ati "Nturebe mu maso he cyangwa ikirere cye ko ari kirekire namugaye, kuko Uwiteka atareba nk'uko abantu bareba. Abantu bareba ubwiza bugaragara, ariko Uwiteka we areba mu mutima.

Michelangelo, umuhanzi ukomeye wo mu gihe cya Renaissance, yari azwi cyane nk'umuhanga mu gushushanya, kubaza no kubaka. Yakoze ibihangano bikomeye nk' igihangano gishushanya cya Dawidi, Pietà ndetse n'igisenge cyo muri capelle ya sistine, bimuha umwanya mu bahanzi bakomeye kurusha abandi mu mateka.

Icyamurangaga cyane ni ubushobozi bwo kubona ibyo abandi batabonaga. Aho abandi babonaga ibuye gusa, Michelangelo yabonagamo igishushanyo cyuzuye. Yabonaga Dawidi aho abandi babonaga urutare gusa.

Imana, Umubaji ukomeye w'ijuru n'isi, ikureba ikurikije ubushobozi yashyize muri wowe n'umugambi ifite ku buzima bwawe, ntabwo ikurebera ku miterere yawe y'ubu. Ntireba ku isura nk'abantu; ireba mu mutima. Uri igihangano cyayo, waremewe muri Kristo Yesu kugira ngo ukore imirimo myiza. Emera Imana ikomeze umurimo yatangiye muri wowe kugeza iguhinduye igihangano cyiza.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mana, hindura amaso yanjye y'umubiri uyagire ay'umwuka kugira ngo mbashe kubona umurimo mwiza watangiye muri njye.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Imana ibona ubushobozi buri muri njye! Uko nkomeza kwitangira Ijambo ryayo n'umurimo wayo, nzi neza ko iri kungira igihangano cyiza cyane.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Abafilipi 1:6

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 291
Yeremiya 24-26; 1 Timoteyo 5



YESU NI UKURI

Yohana 14:6
Yesu aramubwira ati: 'Ni jye nzira n'ukuri n'ubugingo. Nta wujya kwa Data ntamujyanye.

Nubwo mu nkiko bavuga ko imanza zishingira ku kuri, abahanga bavuga ko hari abantu benshi bafungwa bazira ubusa. Ibi ntibisobanura ko abacamanza cyangwa inteko ziburanisha bahora bafata imyanzuro itariyo, ahubwo ni uko imyanzuro yabo ishingira ku bumenyi bwa muntu butuzuye nk'ibimenyetso cyangwa ibihamya bahawe aho gushingira k'ukuri kuzuye kandi gutunganyw kw'Imana.

Ubuzima muri Kristo burenze kure amakosa y'abantu. Yesu azi umutima w'umuntu. Ukuri kwe kurenze amakuru cyangwa ibimenyetso abantu babona; kugera no ku ntego n'impamvu z'ibiri mu mutima.

Kumenya ko Yesu ari Ukuri bitanga icyizere ku masezerano yose ari mu Ijambo ry'Imana. Nk'uko adahinduka kandi ari uw'ukuri, ni ko n'amasezerano ye adahinduka. Iyo asezeranyije gukiza, kurinda no gutanga umugisha, ibyo ntibiba bivuzwe n'umuntu ushobora kwibeshya; biba bivuzwe n'Ukuri ubwakwo.

vISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami Yesu, ndagushimira ko uri Ukuri kutajya gutsindwa. Uko nkomeza uyu munsi, nyobora mu nzira zanjye zose kandi ukuri kwawe kuyobore imyanzuro n'ibikorwa byanjye. Amen.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ijambo ry'Imana ni ukuri kudahinduka, kwizewe kandi kutabeshya. Uko ndyiringira, urujijo, kwiheba n'umuhangayiko biri kure yanjye!

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Yohana 1:14

3GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 292
Yeremiya 27-29; 1 Timoteyo 6



INZU Y'IBIMERA Y'IMANA

Zaburi 1:2-3
...Ahubwo amategeko y'Imana niyo yishimira kandi amategeko ye niyo yibwira ku manywa na nijoro. Uwo azahwana n'igiti cyatewe ku mugezi, cyera imbuto zacyo igihe cyacyo, Ibibabi byacyo ntibyuma, icyo azakora cyose kizamubera cyiza.

Mu buhinzi, inzu y'ibimera (greenhouse) itanga ahantu ibimera bikurira neza hatitawe ku bihe byo hanze. Ubushyuhe, urumuri n'ibindi bikenewe biragenzurwa ku buryo igihingwa kidaterwa ubwoba n'imihindagurikire y'ikirere.

Ni ko Ijambo ry'Imana rikora. Iyo ushinze imizi muri ryo, gukura kwawe ntibigenwa n'ibikubaho cyangwa ibihe urimo.

Ibyanditswe bigereranya abana b'Imana n'ibiti bihora byera imbuto, bitigera byuma kandi bihora bifite uburabyo. Ibi biva ku kuba byatewe ahantu heza. Ntabwo utegekwa n'ibihe cyangwa ibibazo. Wahinduwe ububiko bw'ibisubizo. Uko umurimo wawe waba umeze kose, waremewe gutanga umusaruro.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mana, ndagushimira ko unshoboza gutsinda aho ndi hose. Nzi neza ko uko niringira Ijambo ryawe ku buzima bwanjye, ndi umuneshi.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Naremewe kunesha ibibazo! Uko ibihe byaba bimeze kose, ndi intsinzi kandi Satani nta mahirwe amfiteho!

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Yeremiya 32:17

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 293
Yeremiya 30-31; 2 Timoteyo 1



UMUTI W'IMANA

Zaburi 107:20
Akohereza ijambo rye akabakiza indwara,Akabakiza kwinjira mu mva zabo.

Abaganga, abaforomo n'abandi bakozi bo mu rwego rw'ubuvuzi bahugurwa kugira ngo bamenye indwara , banagabanye ubukana bw'uburwayi.
Nubwo hari imiti myinshi n'uburyo bwinshi bwo kuvura, indwara n'urupfu biracyakomeje kubabaza abantu benshi ku isi. Nubwo abo baganga bafite ubumenyi bwinshi mukuvura indwara , usanga uburambe bw'ubuzima bwabo bari mu by'ubuvuzi ntaho butandukanira n'abandi bataba mu buvuzi.

Igisubizo cy'ubuzima bwawe ntikigarukira ku bitaro gusa. Umwami Yesu yahaye abana be bose ubugingo bw'iteka. Ubu bugingo bugera mu bice byose by'ubuzima bwawe.

Menya uwo Imana yakugize. Ijambo ry'Imana ni umuti ku mubiri wawe. Uko urifata kenshi kandi ukaryizera, ni ko gukira kwawe kwihuta.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, ndagushimira ko ngendera mu buzima bwiza buturuka kuri wowe! Uko nkomeza iki cyumweru, mfasha kugeza ubwo buzima no ku bandi mu Izina rikomeye rya Yesu.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Indwara, uburwayi n'ubumuga byatsinzwe n'imbaraga z'Ijambo ry'Imana! Iyo mfashe doze y'Ijambo rye, mba nkize rwose, mu Izina rya Yesu!

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Mariko 5:34

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 294
Yeremiya 32-33; 2 Timoteyo 2



GoodNews DAILY

UKWIRINDA KW'UMUKINNYI W'ITERAMAKOFE

Luka 18:1
Abacira umugani wo kubigisha ko bakwiriye gusenga iteka ntibarambirwe.

Mu mukino w'iteramakofe, kimwe mu bintu bya mbere umukinnyi yigishwa ni uguhora arinze umutwe we,amaboko azamuye. Iyo urwana amanuye amaboko ye hasi niyo byaba arakanya gato, aba ahaye umwanzi amahirwe yo kumukubita atiteguye.

Ni ko bimeze no mu buzima bwa Gikristo. Abakristo benshi batangira gusenga cyane ari uko ikibazo kimaze kubageraho. Ibyo bimeze nko gushaka kuzamura amaboko umwanzi yamaze kugutera ikofi.
Nutegereza gusenga aruuko ibibazo byahageze, uzaba wamaze gukererwa. Nk'umuteramakofi watojwe neza, ugomba guhora wirinze. Amaboko yawe reka agume hejuru kabone niyo waba ugiye nawe gutera ikofi umwanzi, guma mu busabane n'Imana buri munsi binyuze mu gusenga kugirango Umwanzi natera asange witwguye kugirango umukubite ikofi rimugumisha hasi gutyo ukaba utsinze.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, ndagushimira ku mpano y'isengesho. Mfasha gukomeza kugirana nawe ubusabane buhoraho kugirango umwanzi atanga gitumo ahubwo mbe nkomeye kandi niteguye gutsinda.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi intwari mu ntambara zo mu mwuka! Nk'umukinnyi w'iteramakofe uhora yiteguye, amboko ari hejuru nanjye mpora ndi mu mwanya w'isengesho kandi ndi maso niteguye gutera umwanzi.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
1 Abatesalonike 5:16-18

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 295
Yeremiya 34-36; 2 Timoteyo 3



IBIKORWA BY'UBUTWARI

Daniyeli 11:32
Abaca mu isezerano azabayobesha kubashyeshyenga, ariko abantu bazi Imana yabo bazakomera bakore iby'ubutwari.

Muri Bibiliya yose tubona Imana ikoresha abagabo n'abagore, abakiri bato n'abakuru, kugira ngo ikore ibikorwa by'ubutwari. Nyamara muri iki gihe, abakristo benshi ntibabasha kugaragaza izo mbaraga Imana yabashyizemo. Impamvu iroroshye: Ibyanditswe bitwigisha ko kugira ngo imbaraga Imana yashyize muri wowe zigaragare, bisaba kugirana ubusabane na Yo.

Kristo yavuze ko muri iyi minsi y'imperuka, buri mwana w'Imana yahawe inshingano yo gukora ibikorwa biruta ibyakozwe n'abamubanjirije. Inshingano yo gusohoza ubwo buhanuzi iri kuri wowe, binyuze mu kwegera Imana no kuba umunyeshuri w'Ijambo ryayo. Uko ufata umwanya wo kuyimenya cyane, ni ko urushaho kumenya uwo yakugize muri Kristo!

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, mfasha kurushaho kujya byimbitse mu Ijambo ryawe rihebuje, kugira ngo ndusheho kukumenya no gusobanukirwa neza uwo ndi we muri Kristo. Mu izina rya Yesu. Amen.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nkora ibikorwa by'ubutwari muri uyu mwaka w'Amavuta Adasanzwe, kuko ndi umusaruro w'Umuremyi w'ijuru n'isi!

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Abafilipi 3:10

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 296
Luka 20:27-47; Zaburi 110-112



ISURA NYAKURI YANJYE

Yakobo 1:23-24
kuko uwumva ijambo gusa ntakore ibyaryo, ameze nk'umuntu urebeye mu maso he mu ndorerwamo. Amaze kwireba akagenda, uwo mwanya akiyibagirwa uko asa.

Buri munsi mbere yo kuva mu rugo, birashoboka ko ubanza mu ndorerwamo kugira ngo urebe niba ibintu byose bimeze neza. Indorerwamo ikwereka isura umenyereye kandi ushaka kugumana. Ijambo ry'Imana na ryo rigereranywa n'indorerwamo; rifite ubushobozi bwo kubaka ishusho yawe y'umwuka.

Hari igihe abakristo basoma Ijambo ry'Imana bakabona abo ari bo muri Kristo, ariko nyuma bakibagirwa ibyo babonye muri iyo ndorerwamo y'Ijambo. Nuko bagakomeza umunsi wabo batemerera ko iyo shusho ibayobora mu mibereho yabo. Ikibazo si uko batahinduwe; warahinduwe rwose kandi wahujwe n'Umwuka We. Ariko gukora Ijambo ni byo bituma ishusho yawe nyakuri irushaho kugaragara no kwigaragaza mu buzima bwawe bwa buri munsi.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, uko ngenda muri iki cyumweru, nyobora muri buri ntambwe yanjye. Mfasha gushyira mu bikorwa buri jambo wavuze, ntitaye uko ibihe byaba bimeze kose.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Iyo abantu bambonye, bambonamo Kristo. Ndi ugaragaza Ubumana, si ukubera ko numva Ijambo gusa, ahubwo ni ukubera ko ndishyira no mu bikorwa!

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Abefeso 2:10

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 297
Yeremiya 37-39; 2 Timoteyo 4



GUHAGARARA MU CYUHO

Abafilipi 2:12
Nuko abo nkunda, nk'uko iteka ryose mwajyaga mwumvira, uretse igihe mpari gusa ahubwo cyane cyane ntahari, mube ariko musohoza agakiza kanyu mutinya kandi muhinda imishyitsi.

Mu mvururu n'ibigeragezo by'ubuzima, ushobora kuba warumvise abakristo bavuga bati: "Nzaguhagararira mu cyuho mu masengesho." Nubwo ayo masengesho n'amagambo yo kugutera imbaraga ashobora kukuzanira ubuntu, gukira no gutera imbere, Ibyanditswe birasobanutse: ubuzima bwawe muri Kristo ni urugendo ugomba kwitaho ku giti cyawe.

Gusabira abandi ni igikoresho gikomeye kandi gikenewe mu Mubiri wa Kristo, ariko Ijambo ry'Imana riguhamagarira gukorera agakiza kawe ku giti cyawe. Yaba umuyobozi wawe w'umwuka, so, nyoko, mushiki wawe cyangwa murumuna wawe, Imana yabashyize mu buzima bwawe kugira ngo bagufashe kuyigenderamo, atari ngo basimbure umubano wawe bwite na Yo. Soma Ibyanditswe kandi umenye Imana ku bwawe. Uzabona uburyo ubuzima bwawe butangira guhinduka cyane.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data wo mu ijuru, ndagushimira ku bw'impano yo gusabira abandi no kugirana ubusabane nawe. Uko nkomeza gusoma Ijambo ryawe, ndi guhindurwa kuva imbere kugera hanze hagaragarira amaso.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nzi Umwami Yesu ku bwanjye! Binyuze mu gusoma Ijambo ry'Imana, ndi kubaka umubano wihariye na We uyu munsi.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Abakolosayi 1:9-10

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 298
Yeremiya 40-42; Tito 1



IMASHINI Y'INZUKI

1 Abakorinto 12:21-22
Ijisho ntiribasha kubwira ikiganza kiti "ntacyo umariye"cyangwa umutwe ngo ubwire ibirenge ngo 'Ntacyo mumariye.' Ahubwo biri ukundi rwose, ingingo z'umubiri zizwi ko ari iz'intege nke hanyuma y'izindi nizo zo kutabura.

Nubwo uruvumvu rusa nkakantu gato kadakomeye, rufite uruhare rukomeye cyane mu buzima. Iyo inzuki n'ibindi binyabuzima byohereza intanga zitabaho, isi yagira ikibazo gikomeye cy'ibura ry'ibiribwa. Ibyo bitwereka ko hari ibintu bisa nk'ibito ariko bifite akamaro gakomeye.

Ni ko bimeze no ku bana benshi b'Imana. Hari abatekereza ko kubera ko umurimo bakora usa nk'uto cyangwa utagaragara, nta gaciro ufite. Ariko si byo. Imana ireba ishusho rusange, si ibyo amaso y'umubiri abona gusa. Uri urugingo rw'Umubiri wa Kristo kandi ufite uruhare rukomeye mu guteza imbere Ubwami bw'Imana. Ntayandi mahitamo ufite uretse ayo gutsinda mu byo ukora byose.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mana, ndagushimira impano washyize muri njye. Mu nshingano zose unkoresha, zaba nini cyangwa nto, zifite uruhare mu kugeza abantu ku kumenya Kristo.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi urugingo rw'Umubiri wa Kristo. Umurimo nkora ni uw'agaciro kandi ugirira isi umumaro. Muri uyu mwaka w'Amavuta Adasanzwe, nta kundi bizagenda uretse gutsinda!

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Abakolosayi 3:23-24

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 299
Yeremiya 43-45; Tito 2



UMURONGO WA TELEFONI W'IMANA

Matayo 22:14
Kuko abatowe ari benshi, ariko abatoranyijwe bakaba bake.

Niba warigeze gukoresha telefone za kera zabaga zifite urusaku rwihariye iyo umuntu ahamagaye, uzi ko iyo mpuruza yabaga yumvikana neza kuburyo umuntu atabura kuyumva. Uko ni ko n'ihamagarwa ry'Imana rimeze, ndetse riruta kure iyo telephone uko yasakuzaga.

Buri Mukristo yahawe impano n'ihamagarwa byihariye kugira ngo afashe mu guteza imbere Ubwami bw'Imana. Ariko inshingano yo kwitabira iryo hamagarwa iri kuri buri wese ku giti cye.

Waba uri umuhanga mu ikoranabuhanga, umuziki, ubucuruzi cyangwa ubuhanzi, ibyo byose ni inzira Imana yaguhaye ngo ukoreshe impano yawe mu kubaka Umubiri wa Kristo no kwamamaza Ubutumwa Bwiza. Umurongo wa telefoni w'Imana uri guhamagara. Ntukawirengagize cyangwa ngo ugume ku ruhande urebera. Haguruka ukore icyo yaguhamagariye gukora.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, amagambo yawe ahora ari ukuri. Ndagushimira impano zose washyize muri njye. Nzazikoresha zose kugira ngo izina ryawe rihimbazwe ku isi hose.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Imana yampamagariye gukora kandi sinzirengagiza ihamagarwa Rye. Nzifashisha impano yampaye kugira ngo ngirire umumaro Umubiri wa Kristo, mu izina rya Yesu.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Abaroma 8:28

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 300
Yeremiya 46-47; Tito 3



IMBUTO Z'UMUTINI

Mariko 11:13-14
Areba kure abona umutini uriho ibibabi, arawegera ngo ahari yawubonaho imbuto. Nyamara awugezeho ntiyagira icyo abona keretse ibibabi, kuko kitāri igihe cyo kwera kw'imitini.Arawubwira ati "Umuntu ntakarye ku mbuto zawe iteka ryose." Abigishwa be barabyumva.

Iyi nkuru itera kwibaza gomeye: Kuki Umuremyi w'ijuru n'isi yavumye umutini kubera kutera imbuto kandi yari azi neza ko atari igihe cyazo? Igisubizo kiri mu cyo uwo mutini wagereranyaga.

Iyo Yesu yavuganaga n'umutini, ntiyawurebaga nk'uko abantu bawubonaga cyangwa nk'uko ibihe byari bimeze. Yawurebaga ashingiye ku bushobozi Imana yawuhaye. Mu buryo nk'ubwo, ntukemere ko ibyo amaso yawe abona cyangwa ibihe urimo bikugabanyiriza ubushobozi Imana yakugennye.

Ijambo ry'Imana ni ryo rigena ubushobozi bwawe. Uko waba waravutse kose, aho waba ukora hose cyangwa ibihe urimo bikaba bimeze bite, ushobora kwera imbuto kuko Imana yavuze ko uzera imbuto.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, ndagushimira ubuntu bwawe butangaje. Njye n'umuryango wanjye twahinduwe beza kandi twahawe umugisha n'Ijambo ryawe.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Mpora nera imbuto uko ibihe byaba bimeze kose. Ubuntu bw'Imana bwakuyeho imipaka yose isi yari yaranshyiriyeho!

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Yohana 13:34-35

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 301
Yeremiya 48-49; Filemoni



UWAKWIRAKWIZA URUKUNDO

1 Yohana 4:20
Umuntu navuga ati "Nkunda Imana" akanga mwene Se aba ari umunyabinyoma, kuko udakunda mwene Se yabonye atabasha gukunda Imana atabonye?

Bitandukanye n'andi madini amenyekanira ku myambarire, ku mafunguro cyangwa ku bimenyetso byihariye, Ubukristo bwo bumenyekanira ku rukundo tugaragariza abandi. Urukundo ni ikimenyetso cyerekana ko Kristo aba muri twe. Ijambo ry'Imana rirabisobanura neza: niba udashobora gukunda abo ubona buri munsi, ariko ukavuga ko ukunda Imana utabona, uba wibeshya.

Igihe wakiraga Kristo nk'Umwami n'Umukiza wawe, wakiriye kamere ye yuje urukundo. Uri umwana w'Imana, kandi Imana ni urukundo. Ni yo mpamvu urukundo rutagomba kuba ikintu uhatirwa gukora, ahubwo rugomba gutemba ruva muri wowe rugera ku bandi.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, ndagushimira urukundo wangaragarije. Mfasha kuba ikimenyetso cy'urwo rukundo ku bantu bose mpura na bo.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ukwizera kwanjye kugaragarira mu rukundo ngaragariza abantu bose mpura na bo. Muri uyu mwaka w'Amavuta Adasanzwe, ndi ukwirakwiza urukundo!

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Matayo 18:21-22

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 302
Yeremiya 50; Ababeburayo 1



NTUGASINZIRE!

Imigani 24:33-34
Uti "Henga nsinzire gato,Nihweture kanzinya,Kandi nipfunyapfunye nsinzire.Uko ni ko ubukene buzagufata nk'umwambuzi,N'ubutindi bukagutera nk'ingabo.

Abahanga bavuga ko umuntu ashobora kumara hafi kimwe cya gatatu cy'ubuzima bwe asinziriye. Nubwo kuruhuka ari ingenzi, uyu murongo utwereka ko kuruhukira igihe kitari cyo bishobora gutuma umuntu asubira inyuma.

Nk'umwana w'Imana, ugomba kubaho ubuzima bwuzuye ibikorwa. Ntukaruhuke igihe hari umurimo ugomba gukorwa n'ubugingo bugomba kugerwaho n'Ubutumwa Bwiza. Ubunebwe, uburangare no kudakoresha amahirwe ni bimwe mu bikoresho umwanzi akoresha kugira ngo abangamire iterambere ry'abana b'Imana. Ntukamenyere kubaho ubuzima bwo gupfa ubusa ntakintu urimo gukora kuko ibyo ntakindi bibyara uretse ubukene no gusenyuka.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mana, mpa imbaraga n'umuhate byo gusohoza umugambi wawe umfiteho muri uyu mwaka. Mfasha gukoresha neza buri mahirwe unshyira imbere, mu izina rya Yesu.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Sinzemera ko umwanzi akoresha ubunebwe ngo abangamire umugambi w'Imana ku buzima bwanjye. Nanze kuba umunebwe mu gihe hari umurimo w'Ubwami ugomba gukorwa.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Imigani 10:4

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 303
Luka 21:1-19; Zaburi 113-115



HEJURU Y'IMIBEREHO Y'IY'ISI

Yesaya 24:5-6
Kandi isi ihumanijwe n'abaturage bayo kuko bishe amategeko, bagahindura ibyategetswe, bakica isezerano ridakuka.

Tekereza kuri ibi: n'ahantu heza cyane nk'Isumo rya Victoria cyangwa imisozi miremire ya Himalaya, Bibiliya yerekana ko biri mu isi yahuye n'ingaruka z'icyaha. Kuva Adamu acumuye muri Edeni, icyaha, indwara, kubora n'urupfu byinjiye mu isi, nyamara ibyo si byo Imana yagambiriye ku bana bayo.

Abakristo benshi babaho batekereza ko imibereho isanzwe y'iyi si ari yo bagomba kwemera. Ariko Ijambo ry'Imana ritwereka ko tutagengwa n'imiterere y'iyi si yacumuye. Wahamagariwe kubaho ubuzima buri ku rwego rwo hejuru muri Kristo, aho ibinyoma by'umwanzi bitagira umwanya.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami Yesu, ndagushimira igitambo cyawe cyo ku musaraba. Urakoze kuba uba muri njye kandi ukampa imbaraga zo kugenda mu ntsinzi yuzuye buri munsi.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Muri Kristo sinkiri uwatsinzwe ahubwo ndi intsinzi! Indwara, kubora n'ibibazo biri muri iyi si si umugabane wanjye. Ndi umwana w'Imana kandi mbaho hejuru y'imibereho y'iy'isi yacumuye.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Abaroma 12:2

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 304
Yeremiya 51-52; Abaheburayo 2



INYAKIRA MAKURU Y'UMWUKA

Itangiriro 28:16
Yakobo arakanguka aravuga ati "Ni ukuri Uwiteka ari aha hantu, nanjye nari ntabizi.

Nubwo ubutumwa bwiza bukomeje kwamamaza ukuri kw'abo turi bo muri Kristo n'imigisha y'umwuka dufite nk'abana b'Imana, hari benshi bagikomeje kubaho mu mibabaro, indwara cyangwa ibibazo. Ibi bituma twibaza impamvu bamwe basa n'abishimira ubuzima bwo muri Kristo kurusha abandi.

Muri uyu murongo, Yakobo yaje gusobanukirwa ko Imana yari iri aho yari ari, ariko we atari yabimenye. Yabimenye amaze gukanguka. Si uko Imana iba itari hafi yacu, ahubwo kenshi ntituyimenya. Iyo umuntu adakangutse mu buryo bw'umwuka, ntashobora kwishimira byuzuye ibyo Imana yamusezeranyije.

Gukura mu buzima bwa gikristo bisaba kwiga kumenya ijwi ry'Imana no kumenya ukubaho kwayo binyuze mu kumarana igihe n'Ijambo ryayo.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami Yesu, ndagushimira kuko uhora uri hafi yanjye. Urukundo rwawe ntirugira iherezo kandi ubuntu bwawe ntibugira akagero. Izina ryawe rihimbazwe iteka ryose!

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nzi kumenya ukubaho kw'Imana! Naba ari hafi yanjye, sinzasangwa nkiri mu bitotsi by'umwuka. Inyakira makuru y'umwuka wanjye ihora iri maso!

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Yesaya 30:21

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 305
Amaganya ya Yeremiya 1-2; Abaheburayo 3



NTA SONI MFITE

Ibyakozwe n'intumwa 4:18
Bongera kubahamagara, barabategeka ngo bareke rwose kuvuga cyangwa kwigisha mu izina rya Yesu.

Hari ikintu cyihariye kiri mu izina rya Yesu isi idashobora kwirengagiza. Rifite imbaraga, ububasha, n'agakiza. Nta rindi zina riri hejuru yaryo haba mu ijuru, ku isi, cyangwa munsi y'isi. Ndetse n'abanzi bahinda imishyitsi iyo baryumvise.

Intumwa Petero na Yohana babujijwe kuvuga mu izina rya Yesu kubera ko abayobozi bari babonye imbaraga rifite. Ubuzima bwarahindutse, abarwayi barakize, n'abantu benshi bahindukiriye Imana. Bamenye ko igihe cyose izina rya Yesu rivuzwe, ubwami bw'Imana bukomeza kwaguka.

N'uyu munsi, isi ishobora kugerageza gucecekesha iryo zina. Ishobora kurirwanya cyangwa kuryanga, ariko twe tuzi ukuri: Izina rya Yesu niryo mbaraga zacu zituzanira agakiza. Rero ntabwo tuzaceceka. Tuzakomeza gutangaza izina rye dushize amanga, ku manywa na nijoro, kuko muri we ariho hari ubuzima, umudendezo n'ubutsinzi.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Sintewe isoni n'ubutumwa bwiza cyangwa izina rya Yesu, kuko arizo mbaraga zacu zituzanira agakiza, mu izina rya Yesu rikomeye.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Tuzavuga Izina rya Yesu dushize amanga mu mihanda no mu mayira, n'ahandi hose. Twanze gucecekeshwa n'isi n'imitegekere yayo, mu izina rikomeye rya Yesu. Amen.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Ibyakozwe n'intumwa 4:29

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 306
Amaganya ya Yeremiya 3-5; Ababeburayo 4



KOMEZA IMBERE!

1 Abakorinto 16:9
...Kuko nugururiwe irembo rinini rijya mu mirimo ikomeye kandi abandwanya bakaba benshi.

Imana ifite umwihariko wo gukingurira abana bayo imiryango, ifite umumaro kandi ihindura ubuzima bw'abana bayo, nkuko yabikoreye Intumwa Pawulo. Ariko Pawulo atwereka ko n'iyo umuryango ukinguwe, kurwanywa bishobora kubaho.

Ukuri ni uko, ntabwo ari buri muntu wese uzishimira iterambere ryawe. Bamwe bifuza ko utsindwa mu ibanga. Inzitizi zishobora kuza, imbogamizi zikaza, ariko dore ikintu cy'ingenzi: imiryango Imana infungura, ntawashobora kuyifunga.

Nuko rero, ntukibande ku bakurwanya, ahubwo jya wibanda ku Mana, Yo iruta abakurwanya bose kandi ifite ubushobozi bwo guhagarika imigambi yose y'umwanzi.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Kubw'imbaraga z'Umwuka Wera, nkuyeho inzitizi zose, n'ibigusha byose mu nzira yanjye. Ndategeka kandi ndatangaza ko ntashobora guhagarikwa mu iterambere ryanjye mu buzima.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Kubw'Imana, nshobora kwiruka mu ngabo ngasimbuka inkuta. Inzitizi zose, uburyo bwose bwo kundwanya, n'ubwo kurwanya iterambere ryanjye birasenyutse, mu izina rya Yesu rikomeye.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Zaburi 18:29

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 307
Ezekiyeli 1-2; Abaheburayo 5



NSHINZE IMIZI MURI KRISTO

Abakolosayi 2:7
Mushoreye imizi muri we kandi mwubatswe muri we, mukomejwe no kwizera nk'uko mwigishijwe, mufite ishimwe ryinshi risesekaye.

Ijambo "gushora cyangwa gushinga imizi" riva ku ijambo ry'ikigereki "rhizoo" risobanura gushinga imizi no gukomera. Nk'umwana w'Imana, imbaraga zawe n'ugukomera kwawe bituruka ku gushingira imizi muri Kristo binyuze mu Ijambo rye.

Ushinga imizi mu gihe uhora umara umwanya wiga kandi utekereza ku Byanditswe Byera. Ijambo ry'Imana rihishura Yesu, kandi uko urushaho kurishyira imbere, niko urushaho kumugaragaza. Guhinduka bishobora kudahora biba ako kanya, ariko birizewe iyo ugumye mu Ijambo.

Uko ukura mu Ijambo ry'Imana, urufatiro rwawe rurakomera. Ntabwo ukomeza guhungabanywa byoroshye n'ibibazo by'ubuzima cyangwa ngo uterwe urujijo n'inyigisho zitandukanye. Ahubwo, uhagarara ushikamye, udahungabana, uhamye kandi wuzuye ukwizera.

Umukristo ushinze imizi muri Kristo ahora ahamye kandi yera imbuto buri gihe.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Uko mba mu Ijambo ryawe, mpindurwa mu ishusho yawe, mva mu bwiza bumwe njya mu bundi bwiza. Ubuzima bwanjye bugaragaza kamere yawe buri munsi, mu izina rya Yesu.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ukwizera kwanjye gushinze imizi kandi guhamye mu Mwami. Sintwarwa n'ibintu cyangwa inyigisho z'ibinyoma. Mpagaze nshikamye kandi ntajegajega muri Kristo, mu izina rya Yesu. Amen.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Zaburi 1:2-3

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 308
Ezekiyeli 3-4; Abaheburayo 6



GoodNews DAILY

INTAMBARA Y'IMANA

2 Ngoma 20:21
Nimuhimbaze Uwiteka, kuko imbabazi ze zihoraho iteka ryose.

Igihe Umwami Yehoshafati n'Abayuda bahuraga n'umwanzi ukomeye, basabye ubufasha ku Uwiteka. Igisubizo cy'Imana cyagaragaje ukuri gukomeye: intambara ntiyari iyabo, ahubwo yari iy'Imana.

Ni kangahe nk'abana b'Imana, twibanda cyane ku mwanzi kuruta ku Mana ifite ububasha kuri buri kibazo? Yehoshafati n'Abayuda bahawe amabwiriza yo kujya mu ntambara bashima Imana, bahindura amashimwe intwaro.

Iyo ushima Imana kandi ukayiramya, itangira kukurwanirira. Ishyiraho ibitero ku banzi bawe, kandi intsinzi iba yizewe. Imana ni inyembabazi, kandi imbabazi zayo zizavuga ku buzima bwawe.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, ndagushimira ko imbabazi zawe ari nshya buri gitondo ku bice byose by'ubuzima bwanjye. Ndakwizeye mu ntambara zose mpura nazo.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndategeka kandi ndahamya ko Imana iri ku ruhande rwanjye, kandi ntawe ushobora kundwanya. Imbabazi n'ineza ye birankurikira iminsi yose yo kubaho kwanjye, mu izina rya Yesu rikomeye. Amen.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Abaroma 8:31

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 309
Ezekiyeli 5-7; Abaheburayo 7



UMURIMO W'UBWIYUNGE

2 Abakorinto 5:19
...kuko muri Kristo ari mo Imana yiyungiye n'abari mu isi ntiyaba ikibabaraho ibicumuro.

Imana yaduhaye umurimo wo kwiyunga n'abandi nk'abana bayo, iduhamagarira kuyunga n'ab'isi muri Kristo Yesu. Ijuru riranezerwa cyane iyo umunyabyaha umwe yihannye, ibyo bigaragaza uburyo ubugingo bwose bufite agaciro imbere y'Imana.

Umutwaro wo kuzana abantu kuri Kristo si uw;abantu bacye batoranyijwe ahubwo ni uw'abana bose b'Imana. Twahamagariwe kubwiriza ubutumwa bw'isanamitima kandi tukaba twiteguye gukoresha uburyo bwose dufasha abantu kumenya Kristo.

Yesu yazamuwe ku musaraba kugira ngo yiyunge n'abantu bose muri We, kandi natwe turi mubagize ubwo butumwa bw'Imana. Ntidukwiye kumva na rimwe ko uyu ari umurimo woroheje, ahubwo dukwiriye guha agaciro igikundiro dufite cyo kuyobora abantu badakijijwe ku Mana.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, ongera ubwenge bwanjye buri munsi mu kuzana abantu kuri Kristo. Umpe gushira amanga mu kuvuga amagambo y'ubuzima n'isanamitima kubatakuzi.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ubuntu bwo kwigarurira umudugudu, umujyi, n'igihugu mu munsi umwe ni umugabane wanjye. Ndi intwari, sincika intege kandi ntakimpagarika mu kuzana abantu kuri Kristo, mu izina rya Yesu rikomeye.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Matayo 28:19-20

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 310
Ezekiyeli 8-10; Ababeburayo 8



UBUDAHANGARWA BW'UBUMANA

Itangiriro 31:29
...Wirinde, ntugire icyo ubwira Yakobo ari icyiza, ari n'ikibi.

Nk'umwana w'Imana ufite ubudahangarwa bw'Imana. Kuko Imana ariyo yabigennye, abanzi bawe ntibashobora kurenga imipaka ngo bagire icyo bagutwara. Uwo uri we muri Kristo nibyo bigukingira kandi bikakurinda. Imana ireba n'ibiri mu mitima byose. Nta kintu na kimwe Imana itabona. Mbere yuko umwanzi agira icyo akora, Imana iraza igahagarika imigambi yabo. Ibi ibyo byiringiro byawe; Ijuru rirakurinze mu buryo buhoraho.

Nkuko Imana yaburiye Labani ati ntukore kuri Yakobo, Niko Imana ishyira imbibi ku buzima bwawe. Buri gitero, cyaba mu mu mubiri cyangwa mu mwuka, kiburizwamo kandi kigahagarikwa mbere yuko kikugeraho. Uyu niwo murage wawe nk'intumwa ya Kristo. Genda ntacyo wikanga umenye neza ko Imana ikurinze.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, Kubw'ububasha bwa Mwuka Wera, ndatangaza ko ibyo umwanzi yaba agambiriye byose mu bwenge bwe, bikurwaho burundu. Inzira zose z'umwanzi zisenywe, mu izina rya Yesu rikomeye. Amen.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Mfite ubudahangarwa ku bitero byose bitunguranye by'umwanzi muri buri gace k'ubuzima bwanjye. Ndarinzwe kandi ndahagarariwe mu izina rya Yesu rikomeye. Amen.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
1 Abatesalonike 3:3

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 311
Ezekiyeli 11-13; Abaheburayo 9



UBUSHOBOZI BUBYARA UBUNDI

Imigani 23: 2
Niba uzi yuko uri umunyandanini, wifatira icyuma ku muhogo wawe.

Imana ishaka ko abana bayo babaho ubuzima bwuzuye, burebure kandi bwera imbuto. Ibyanditswe bigaragaza ko kubaho imyaka ijana cyangwa irenga, byagombye gufatwa nk'ibisanzwe; iyo umuntu apfuye atarageza iyo myaka, aba abayeho igihe gito. Urufunguzo rwo kubaho ubuzima burebure ni ukugira ikinyabupfura mu mirire yawe.

Kwiyiriza ubusa birenze gusa kureka ibiryo; ni igikorwa mu buryo bw'Umwuka kigufasha guhuza umubiri wawe n'umwuka wawe hamwe n'umugambi w'Imana. Iyo wabashije kuyobora ibyifuzo byawe byo gushaka kurya, uba wemereye imbaraga z'Imana ndetse no guhindurwa. Ubushakashatsi bwerekana ko kwiyiriza ubusa bituma utunyangingo tw'umubiri wawe twongera kuba dushya.

Nkuko Yesu yazuwe n'Umwuka w'Imana mu bapfuye, izo mbaraga z'umuzuko zituye muri wowe. Ntabwo ugomba kubora cyangwa gupfa imburagihe. Ubuzima bw'Imana buri muri wowe bufite ubushobozi bwo kuguhindura mushya, gusana ibyangiritse ndetse no kugukomeza mu buryo burenze ubushobozi bwawe busanzwe.

Mu gihe ukomeje kugira imibereho irangwa no gusenga no kwiyiriza ubusa, witegure guhindurwa kw'umubiri, imitekerereze ndetse n'umwuka wawe.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, mu gihe niyemeje gusenga no kwiyiriza ubusa, unsubize ubuto nk'ubwa kagoma kandi ukomeze umubiri wanjye upfa.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndatura uburambe ku y'buzima bwanjye. Buri mugambi wose watuma haba urupfu igihe kitageze ukuweho mu izina rikomeye rya Yesu Kristo. Amen.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Zaburi 91:16

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 312
Luka 21:20-38; Zaburi 116-118



GoodNews DAILY

UBWENGE BWA SAKAL

1 Samweli 18:14
Dawidi akajya yitonda mu byo yakoraga byose, kandi Uwiteka yari kumwe nawe.

Ubwenge ni ikintu cy'ingenzi cyane. Yakobo atugira inama: hariho umuntu ubuze ubwenge, abusabe Imana, iha abantu bose itimanye kandi azabuhabwa. Ubuzima bwa Dawidi bwari bwihariye kubera ko yari afite ubwenge buva ku Mana—Sakal. Yafataga imyanzuro ikwiriye kuko Imana yari kumwe nawe.

Nawe birashoboka ko wakura mu by'ubwenge maze ukagendera mu ntsinzi y'ukuri. Ibyanditswe byerekana ko Yesu Kristo ari we bwenge n'imbaraga z'Imana. kuvuka ubwa kabiri bisobanuye ko Kristo, ibyiringiro by'ubwiza, aba muri wowe— bisobanuye ko ubwenge buri muri wowe, kandi bwiyongera uko umara umwanya usoma ijambo ry'Imana.

Yosuwa yabwiwe gutekereza ku Ijambo ry'Imana ku manywa na nijoro, bityo akazahirwa muri byose akagira n'intsinzi ikomeye. Iyi "ntsinzi ikomeye" ni kimwe n'ubwenge bwa sakal twabonye mu buzima bwa Dawidi, ubwenge buzana ibisubizo.

Hindura Ijambo ry'Imana ihame ry'ubuzima bwawe kandi ukomeze gushaka ubwenge. Uko ubikora, uzagendera mu buryo busobanutse, icyerekezo kizima ndetse n'intsinzi y'Imana.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, uko nsoma Ijambo Ryawe, niko ngenda ndushaho kuba nkawe. Ndarushaho kuva ku rwego rumwe rw'ubwenge njya mu rundi, mu Izina rya Yesu rikomeye.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Njyewe n'Umuryango wanjye ntituzigera tubarwa mu batagira ubwenge. Tugendera mu bwenge mu byo dukora byose; bityo rero, ntituzatsindwa. Intsinzi ikomeye ndetse n'ubutunzi ni umurage wacu.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Yosuwa 1:8

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 313
Ezekiyeli 14-15; Abaheburayo 10



UMWANYA W'ICYUBAHIRO

Matayo 13:58
Aho Yesu ntiyakorerayo ibitangaza byinshi abitewe n'uko batamwizeye.

Imana ikunze gukoresha ibintu bisa n'ibyoroheje kugira ngo igere ku bintu bikomeye. Mu Byanditswe Byera, abatoranijwe n'Imana ntibari basanzwe ari bo bashoboye kurusha abandi mu maso y'abantu, nyamara bari bafite ubuntu bw'Imana.

Kumenyerana bishobora gutuma abantu batamenya gukomera k'umuntu. Igihe abo mu mujyi Yesu yavukiyemo bamubonaga, bananiwe kumenya kamere ye y'ubumana. Bamugize "umwana w'umubaji," kandi mu kubikora, basuzuguye ubuntu bwari ku buzima bwe. Nubwo imbaraga zari zihari, kubura icyubahiro kwabo byatumye batabona ibitangaza byinshi.

Icyubahiro ni urufunguzo rwo mu mwuka. Kigushyira mu mwanya wo kugera ku byo Imana yashyize mu bandi. Iyo umenye kandi ukubaha ubuntu buri ku bantu - cyane cyane abo Imana yashyize hejuru yawe - uba wishyize mu mwanya mwiza wo kwakira umugisha. Ku rundi ruhande, kutubaha bishobora gufunga imiryango gusenga no kwiyiriza ubusa byonyine bishobora kudakingura.

Iga kumenya ubuntu vuba, usubize wicishije bugufi kandi wubaha. Rimwe na rimwe, ikikugeza ku urwego rwisumbuyeho si imbaraga nyinshi, ahubwo ni umwanya w'icyubahiro.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, umpe umwuka wo kwicisha bugufi no kwigishwa. Umfashe kumenya no kubaha abo washyize mu buzima bwanjye.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ngendera mu bwenge no mu bushishozi. Menya ubuntu kandi ndabwubaha. Uko nubaha, ubuzima bwanjye buratera imbere kandi imiryango iramfungukira.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
1 Timoteyo 5:17

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 314
Ezekiyeli 16-17; Abaheburayo 11



ABARINZI MUHAGURUKE!

Ezeliyeli 22:30
Kandi nashatse umuntu muri bo wasana inkike, ngo ahagarare imbere yanjye mu cyuho ahagararlye Igihugu kugira ngo ntakirimbura, ariko ntawe nabonye.

Umukristo udasenga ameze nk'igihugu kitagira uburyo bwo kwirwanaho. Ibihugu bya none bishora imari nyinshi mu buryo bwo kwirinda indege, indege zitagira abapilote, na za misile. Nta bwirinzi, umwanzi abona uburyo bwo kwinjiramo nta nkomyi, bigatera kurimbuka no kubabara.

Uku ni ko Imana yavuze mu cyanditswe twatangiranye. Ntiyifuzaga gucira Isirayeli urubanza, ariko nta muntu n'umwe wari uhari wo guhagarara mu cyuho. Abantu nka Mose na Aburahamu basobanukiwe imbaraga z'ubusabe; binyuze mu masengesho yabo, Imana yagaragaje imbabazi kandi ikuraho urubanza.

Gusenga birenze kuba ikintu uhora ukora; ni inshingano zo mu mwuka. Bishyiraho uruzitiro rw'uburinzi ku mahanga, imijyi, imiryango, n'abantu ku giti cyabo. Iyo dusenga, imbaraga z'abadayimoni zirakumirwa itegeko ry'Imana rikajya mu bikorwa. Guceceka mu mwuka bishyira ubuzima n'uturere mu kaga, ariko isengesho rihoraho rirabakomeza.

Imana iracyahamagara abarinzi, abazahaguruka bagafata inshingano mu mwuka.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, unyambike ubuntu bwo kwingingira abandi ntahwema mu izina rya Yesu rikomeye.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndahaguruka nk'umurinzi mu gihe cyanjye. Inkuta zikikije igihugu cyanjye, umujyi, umuryango, n'iherezo byanjye zirakomera uko mpagarara mu cyuho. Intsinzi irizewe uko ntsinda mu isengesho.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Intangiriro 18:23-25

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 315
Ezekiyeli 18-19; Abaheburayo 12



IKIBAYA CY'UMUGISHA

2 Abami 3:17
"Kuko Uwiteka agize ngo ntimuza kumva umuyaga, ntimuza kubona n'imvura, ariko iki kibaya kizuzura amazi, munywe mwuhire n'amashyo yanyu n'imikumbi yanyu."

Abami ba Isirayeli, Yuda na Edomu banyuze mu butayu barwana n'Abamowabu, ariko nyuma y'iminsi irindwi, babuze amazi y'ingabo n'amatungo byabo. Bacitse intege, bashaka umuhanuzi, Elisha.

Elisha yavuze ijambo rivuye ku Uwiteka: nta muyaga cyangwa imvura byari kubaho, ariko ikibaya cyari kuzura amazi. Mu gitondo cyakurikiyeho, mu buryo bw'igitangaza, amazi yuzuye mu kibaya, azana ubuzima ahari humagaye.

Icyasaga n'ikibaya cy'urupfu cyabaye kimwe mu byo Imana yakoresheje. Yehoshafati yasobanukiwe ko iyo Imana ivugiye mu mugaragu wayo, habaho guhazwa mu buryo budasanzwe. Yizeraga Imana itanga mu buryo budasanzwe.

Uyu munsi, binyuze muri Kristo, dukorera Imana imwe itanga ibyo dukeneye byose nk'uko ubutunzi bwayo bw'ubwiza buri. Ahantu humagaye hahinduka ahantu h'uburumbuke iyo ukwizera gutangiye gukora.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, ibihe byose by'amapfa mu buzima bwanjye ubihindure iby'umusaruro. Reka habeho guhazwa bidasanzwe kuri njye kandi bikureho ubukene mu buzima bwanjye, mu izina rya Yesu. Amen.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndaguka mu impande zose. Ngendera mu buntu n'umwuzuro. Ubuzima bwanjye burakungahaye, kandi ndi umugisha ku bandi, mu izina rya Yesu rikomeye.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Zaburi 37:25

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 316
Ezekiyeli 20-21; Abaheburayo 13



IMIVUMO ITERWA N'IBIHE

Yosuwa6:26
Igihe azubaka urufatiro rwaho azapfushe imfura ye, n'Igihe azahaterera inzugi z'amarembo azapfushe umuhererezi we.

Umwanzi akora binyuze mu mivumo iterwa n'ibihe igaragara mu bihe runaka mu buzima bw'umuntu. Ibi si ibintu bibaho bitunguranye, ahubwo ni ibintu bihora bibaho mu bihe byagenwe.

Bibiliya ivuga uburyo Yosuwa yavumye umuntu wese wari kongera kubaka Yeriko. Nyuma y'ibisekuruza byinshi, Hiyeli yabikoze mu gihe cya Ahabu, kandi iryo jambo ryarasohoye. Yashyizeho urufatiro rwayo ku giciro cy'imfura ye, anashyiraho amarembo yayo ku giciro cy'umuhungu we w'umuhererezi—ikimenyetso cy'uko amagambo afite uburemere bw'umwuka mu gihe cyose.

Ariko, Imana iruta umuvumo uwo ari wo wose. Ifite ububasha bwo gusenya buri nzitizi zizanwa n'ibihe no gusenya buri gisenge cy'umwuka n'umubiri cyashyizwe ku buzima bwawe.

Uyu munsi, buri kintu kibi cyose, buri muruho warazwe, no kudindira birasenyuka. Ntuzongera gusubira mubyo wanyuzemo kera cyangwa ngo uhangane n'ibyo abandi bahuye na byo mbere yawe

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, ndagushimira ko Kristo yankijije umuvumo w'amategeko. Muri we, ndi urubyaro rwa Aburahamu n'umuragwa nk'uko isezerano ryabigaragaje. Ngendera mu mugisha wawe, mu izina rya Yesu. Amen.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Iki ni igihe cyanjye cyo kubona Imana mu byanjye. Buri mugambi n'inzitizi za satani bikuweho, ndatangaza umudendezo, gusubira mu buzima, n'intsinzi muri buri gice cy'ubuzima bwanjye. Amen.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Abagalatiya 3:13-14

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 317
Ezekiyeli 22-23; Yakobo 1



Good News DAILY

ITANGIRIRO RISHYA!

2 Abakorinto 5:18
Ariko ibyo byose bituruka ku Mana yiyunze natwe ku bwa Kristo, ikaduha umurimo wo kuyunga n'abandi.

Ijuru ryishimira umunyabyaha umwe wihana, kuruta uko ryishimira abakiranutsi mirongo icyenda n'icyenda badakeneye kwihana. Imana yadushinze umurimo wo kuyunga n'abandi. Icyo yifuza ni uko ntaw'urimbuka, kandi ko buri wese amenya Imana. Gira umugambi wo gusangiza abandi ubutumwa bwiza no kubugeza ku bagukikije.

Itegure kuvugira Imana. Isi ntishobora kwizera itarumvise, kandi ntishobora kumva idafite umubwiriza. Uri intumwa Imana yohereje, yatoranyije, kandi igahabwa ububasha bwo kugera ku batarakizwa.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, kuva ubu ijambo ryo gusana imitima riri mu kanwa kanjye. Ndihuta kandi nshize amanga mu kubwiriza kwihana ku bazimiye mu isi yanjye, mu izina rya Yesu rikomeye. Amen.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi intumwa n'umurinzi w'Inkuru Nziza y'Imana. Nshyira Ijambo ryayo mu buzima mu isi yanjye, nkora ku mitima nkoresheje urukundo rwa Kristo n'imbaraga z'ubuntu bwe, mu izina rya Yesu. Amen.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Mariko 16:15

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 318
Ezekiyeli 24-36; Yakobo 2



AHAKORERWA UBWUBATSI

Ibyakozwe n'Intumwa 20:32
Kandi none mbaragije Imana n'Ijambo ry'ubuntu bwayo, ribasha kububaka no kubahana ibiragwa n'abejejwe bose.

Ijambo "kubaka" rigaragaza ko Ijambo ry'Imana ari igikoresho cyo kubaka ubuzima bw'umwana w'Imana. Gukura kwawe muri Kristo bihwanye n'Ijambo uhora wakira, utekerezaho, kandi ushyira mu bikorwa. Kubura Ijambo bitera kugwingira mu buryo bw'umwuka kandi bikagabanya ubushobozi bwawe bwo kugendera mu murage Imana yakugeneye.

Nk'uko umwubatsi azamura inyubako itafari ku rindi, ubuzima bwawe bwo mu mwuka bugomba kubakwa buri munsi binyuze mu Ijambo ry'Imana. Buri cyanditswe cyose ukoresha kiragukomeza, kandi kikakuzamura. Binyuze muri ubu buryo, urakura kandi ugakomera mu masezerano y'Imana. Ijambo ry'Imana ni inyungu yawe; riguha imbaraga zo kugera no kubona ibyawe byose muri Kristo.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, mfasha gukomeza ubuzima bwanjye bwo mu mwuka, nta bunebwe mu kwiyegurira kwiga no gutekereza ku Ijambo ry'Imana. Umuriro wo ku gicaniro cyanjye ukomeze kwaka.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nubatse kandi nshingiye ku Ijambo ry'Imana, ngendera mu butsinzi mu murage wanjye, imbaraga, n'umugambi w'Imana udakuka.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Yakobo 1:22-25

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 319
Luka 22:1-30; Zaburi 119:1-88



IMIGISHA ITANGAJE!

2 Abakorinto 9:8
Kandi rero Imana ishobora kubasaazaho ubuntu bwose.

Hari abantu Imana idashaka kureka, abantu idashobora gukora badahari. Ibanga riri mu gutanga. Umunyabuntu atera imbere kandi isi ye ikaguka, mu gihe umunyabugugu adindira mu kugira ingaruka no mu byo akora. Gutanga ni ihame ry'Imana ryo kwaguka. Bifungura ubuntu bw'Imana, n'imigisha yayo ku buzima bwawe.

Tekereza kuri Tabita (Doruka), umugore uzwiho kugira neza no kugira ubuntu. Igihe yarwaraga agapfa, Imana ntiyamwirengagije. Binyuze mu isengesho ry'Intumwa Petero, yarazutse. Byari byoroshye ko Imana izura utanga kuruta kumusimbuza. Ibi bigaragaza agaciro k'ubuzima bwo gutanga imbere y'Imana.

Niba wifuza imigisha itangaje, jya wiyemeza gutanga. Imana ntizagukomeza gusa ahubwo izatuma ubuntu bwayo bugwira muri buri gice cy'ubuzima bwawe. Nk'umwana w'Imana, wahamagariwe kubaho ufite ibihagije byose kandi ukeneye kugira ngo uhe abandi umugisha mwinshi.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, mfasha kwaguka mu buntu bwo gutanga kugira ngo ngendere mu mwuzuro muri buri gice cy'ubuzima bwanjye.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Binyuze mu gutanga kwanjye, ubuntu bunyerekezaho. Ngendera mu buntu n'icyubahiro. Abantu bakwiriye, amahirwe n'umutungo bihuye n'umugambi w'Imana ku buzima bwanjye.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Yakobo 4:6

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 320
Ezekiyeli 27-29; Yakobo 3



KUNYURA MU CYEREKEZO GITANDUKANYE

Yakobo 4:6
Ariko nubwo bimeze bityo Imana irushaho kutugirira imbabazi ni cyo gituma ivuga iti "Imana irwanya abibone, ariko abicisha bugufi ikabahera ubuntu."

Ni uburenganzira bw'Imana kugaba ubuntu ku bana bayo, nyamara ubwo buntu ntibutangwa mu rugero rumwe. Ibyanditswe bivuga ko ubuntu bugabanywa mu buryo butandukanye, bigatuma buri mukristo aba yihariye mu miterere ye n'imikorere ye. Inkuru nziza ni uko umuntu ashobora kwaguka mu buntu.

Urufunguzo rumwe rwo kwaguka ku buntu ni ukwicisha bugufi. Ubwibone butera Imana kukurwanya. Ijambo "ubwibone" riva ku ijambo ry'Ikigiriki antitassomai, risobanura "kwihagararaho." Ritanga ishusho y'umusirikare ugenda mu cyerekezo gitandukanye n'abandi basirikare, agahatira ingabo zose kumurwanya.

Mu buryo nk'ubwo, iyo umuntu agendera mu bwibone, yishyira mu mwanya wo kurwanya Imana. Uwiteka arwanya kandi akabuza ikintu cyose cyavutse mu bwibone. Ubwibone ni nko kunyuranya n'umuyoboro w'amazi; iterambere riragorana kandi ibisubizo birarwanywa. Ariko kwicisha bugufi bikurura ubufasha bw'Imana, bikuza umuntu mu buntu n'ubutoni bwinshi.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, umpe umwuka wo kwicisha bugufi no kwigishwa, mu izina rya Yesu rikomeye.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ngendera mu kwicisha bugufi ngahabwa ubuntu bwinshi. Ubudahangarwa bwose bukurwaho, kandi ntera imbere byorohejwe n'Imana. Ubuntu bw'Imana buranga ubuzima bwanjye, mu izina rya Yesu. Amen.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Imigani 3:34; 1 Petero 5:5-6

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 321
Ezekiyeli 30-32; Yakobo 4



GoodNews DAILY

KUVUGA NK'UBWIRIJWE N'IMANA

1 Petero 4:11
"Umuntu navuga avuge nk'ubwirijwe n'Imana."

Umuhanuzi Samweli yari igikoresho kidasanzwe; Uwiteka yabanye na we kandi ntiyakunda ko hagira ijambo rye na rimwe rigwa hasi. Amagambo ye yari afite uburemere bw'Imana—ntiyagarukaga ubusa. Mu buryo bumwe, abana b'Imana si abantu badafite agaciro. Wahamagariwe kuvuga ufite ububasha, uhuje n'ubushake bw'Imana.

Ndetse no muri iyi si, hari abantu bafatwa nk'abahanura batabyawe n'Imana. Ahitofeli yari umwe mu bantu inama ze zafatwaga nk'aho Imana ubwayo ari yo yavuze. Niba ingaruka nk'izo ziri mu mwijima, ese mwebwe ababyawe n'Imana murushaho kumera mute?

Ibyanditswe birabaza biti: "Ni nde wahanura bikabaho, kandi Umwami atari we ubitegetse?" Imbaraga nyazo mu mvugo ziva ku Mana. Amagambo yawe ni umwuka n'ubugingo. Nk'umwami utegeka mu buzima, amagambo yawe si ubusa, kuko aho ijambo ry'umwami riri, hari imbaraga.

Kuva uyu munsi, vugana ubwenge bw'Imana nk'umuntu uhagarariye Imana.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, Ijambo ryawe rivuga ko icyo nzagambirira kizaba uko nshaka. Ku bw'ububasha bw'Umwuka Wera, ijambo ryose mvuga rizasohozwa, mu izina rikomeye rya Yesu.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ijambo ryose mvuga rirakomera. Ibyo ntangaza bigaragara vuba, kandi bihuza ahazaza n'umugambi w'Imana.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Amaganya ya Yeremiya 3:37

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 322
Ezekiyeli 33-34; Yakobo 5



GoodNews DAILY

KUSANYA IBISIGAYE

Yohana 6:12
Nimuteranye ubuvungukira busigaye, hatagira ikintu gipfa ubusa.

Yesu yagaragaje amahame akomeye y'ubuyobozi binyuze mu bikorwa bye. Ntiyigeze apfusha ubusa umutungo, waba uw'umubiri cyangwa uw'umwuka. Amaze kugaburira imbaga y'abantu, yategetse abigishwa be gukusanya ibisigaye, agaragaza ko uburumbuke atari uburenganzira bwo gupfusha ubusa ahubwo uba uhamagariwe inshingano.

Igihe umugore w'Umunyakanaanikazi yashakaga ubufasha, Yesu yabanje kwanga, avuga ko yahamagariwe Isirayeli. Nyamara binyuze mu kwizera kwe no kwicisha bugufi, yabonye ibyasaga n' "ibisigazwa" maze abona igitangaza. Ibi bigaragaza ko ibisa n'ibito cyangwa ibidafite akamaro nabyo bifite imbaraga z'Imana.

Yesu yagaragaje ukwifata n'ubwenge; Yahaye agaciro ubuvungukira bwose. Muri ubwo buryo, ibyo ushobora kwirengagiza mu buzima bishobora kuba igikoresho gikomeye iyo bicunzwe neza.

Mu bucuruzi, mu murimo w'Imana, no mu buzima bwa buri munsi, irinde gusesagura. Koresha ibyo ufite byose, maze ubibyaze umusaruro. Imana igwiza ibyazigamwe kandi bigacungwa neza.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, umwuka wose utera gupfusha ubusa mu buzima bwanjye, urandurwe n'imizi yawo kandi imbuto zawo zirimburwe, mu izina rya Yesu rikomeye.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Buhoro buhoro, nera imbuto uko ngenzura neza ibyo Imana yanshinze byose, mu izina rya Yesu. Amen.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Luka 16:10

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 323
Ezekiyeli 35-36; 1 Petero 1



KWIHUTA BIDASANZWE!

Yohana 6:21
"Baherako bemera ko ajya mu bwato, uwo mwanya bagera imusozi aho bajyaga."

Igihe cyose Yesu yinjiraga mu bwato, igitangaza cyarakurikiraga. Twibuka ukuntu Petero yaraye aroba ijoro ryose nta cyo bitanga, nyamara ubwo Yesu yahageraga, we na bagenzi be barobye amafi menshi cyane. Muri iki gice, amaze kugaburira imbaga y'abantu, Yesu yagendeye hejuru y'amazi kugira ngo akurikire abigishwa be, bari batangiye urugendo rwabo mu bwato.

Bakimara kumwakira mu bwato, Bibiliya ivuga igitangaza gikomeye: ubwato bwahise bugera aho bwagombaga kujya. Ibi bigaragaza ko iyo Yesu yinjiye mu kibazo runaka, gutinda biragabanuka kandi iterambere rikihuta. Kuhaba kwe bizana umusaruro, kugwira, no kwihuta bidasanzwe.

Yesu ntashobora kuba mu buzima bw'umuntu ngo ubwo buzima ntibutere imbere. Koresha ubuntu Imana yaguhaye. Yesu ari mu bwato bwawe—gira icyizere!

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, si ku bw'amaboko cyangwa imbaraga, ahubwo ni ku bw'Umwuka wawe. Uko nsenga uyu munsi, reka habeho kwihuta bidasanzwe, mu izina rya Yesu.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndategeka kandi ndatangaza kwihuta kudasanzwe mu buzima bwanjye. Ikintu cyose cyari kurwanya iterambere ryanjye gikuweho, kandi buri mwuka wo gutinda urahagaritswe, mu izina rya Yesu. Amen.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Itangiriro 24:12

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 324
Ezekiyeli 37-39; 1 Petero 2



GoodNews DAILY

INZIRA Y'UBUHUNGIRO

Yohana 6:49
Ba serukuza wanyu bariraga manu mu butayu, nyamara barapfuye.

Yesu yavuze amabanga yababaje umuntu wa kamere ariko agahishura ubuzima bw'umwuka. Manu yo mu butayu yatunze Isirayeli by'igihe gito, ariko ntiyashoboraga gutsinda urupfu. Yerekanye Kristo, Umutsima w'ukuri uva mu ijuru.

Muri Kristo, duhabwa ibirenze ibyo kurya; duhabwa uburinzi. Yesu yaravuze ati: "Urya umubiri wanjye, akanywa amaraso yanjye, aba afite ubugingo buhoraho" (Yohana 6:54). Mu igaburo ryera, dusangira ubuzima bwe, kamere ye, n'intsinzi ye.

Ameza y'Umwami ni ibanga ryo guhunga ibyago. Ibyanditswe bivuga ko Imana ari iyo kwizerwa kandi izaca akanzu. Gusangira igaburo ryera ni imwe mu nzira z'Imana zo kugucira akanzu. Uko usangira igaburo ryera, urenga imbibi ukajya mu burinzi, uhunga kurimbuka, indwara, n'urupfu rutunguranye.

Ibyagize ingaruka ku bari imbere yawe ntibizagutsinda. Muri Kristo, amahame arasenyuka kandi hashyirwaho umurongo mushya.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, binyuze mu mbaraga z'umubiri n'amaraso bya Yesu, reka buri gice cy'ubuzima bwanjye cyapfuye cyakire imbaraga zo kuzuka, mu izina rya Yesu. Amen.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndategeka kandi ndahamya ko ngendera mu nzira y'ubuhungiro no kurindwa n'Imana. Ndatera imbere mu mpande zose. Icyabujije abandi njye ntabwo kizambuza. Muri Kristo, ndatsinda!

GUSOMA BYISUMBUYEHO
1 Abakorinto 10:16

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 325
Ezekiyeli 40-41; 1 Petero 3



GoodNews DAILY

KUGEZA KU IHEREZO

Yohana 6:68
...Databuja, twajya kuri nde, ko ari wowe ufite amagambo y'ubugingo buhoraho.

Igihe Yesu yigishaga ko ari we mutsima w'ubugingo, benshi mu bigishwa be baravuze bati "Iyi nyigisho iragoye. Ni nde wayakira?" Kubera iyo mpamvu, benshi basubiye inyuma ntibongera kumukurikira. Muri ako kanya, Petero yahagaze ashikamye aravuga ati "Mwami, twajya kuri nde? Ko ari wowe ufite amagambo y'ubugingo buhoraho."

Petero yakomeje ijambo rye. Bitandukanye na Yuda, wari ufite umutima wanduye akamugambanira, Petero yagize intege nke, yihakana Yesu, ariko umutima we wakomeje kuba inyangamugayo—yagumye mu nzira. Ibi nibyo uhamagariwe uyu munsi: fata icyemezo cyo gukurikira Yesu Kristo kugeza ku iherezo. Ntukemere ko gukunda isi gushinga imizi muri wowe. Ibinezeza byayo ni iby'igihe gito, ariko ubuzima buboneka muri Kristo ni ubw'iteka ryose.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, mfasha kurinda umutima wanjye n'umwete wose, kugira ngo ku iherezo nzumve uvuga uti "Nuko nuko mugaragu mwiza ukiranuka."

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nta gusubira inyuma ukundi. Niyemeje gukurikira Yesu Kristo. Sinzareba ibumoso cyangwa iburyo, amaso yanjye areba Uwiteka.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Ibyakozwe n'intumwa 4:12

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 326
Luka 22:31-46; Zaburi 119:89-176



IYI NIYO NZIRA, YIGENDEREMO

Yohana 10:27
Intama zanjye zumva ijwi ryanjye, nanjye ndazizi kandi zirankurikira.

Iyo Yesu avuze ati "Intama zanjye zumva ijwi ryanjye," bigaragaza ukuri gukomeye: amajwi menshi arimo kuvuga, ariko si yose akwiye gukurikirwa. Intama, mu buryo busanzwe, zimenya kandi zishyira imbere ijwi ry'umushumba wazo kuruta andi.

Mu busitani bwa Edeni, Eva yumviye Satani aho kumvira Imana, maze bijyana ku kurimbuka. Uyu munsi, mu gihe imbuga nkoranyambaga, igitutu cy'urungano, televiziyo, n'umuziki bigira uruhare mu mico n'imyitwarire, ikibazo kiracyahari: ni ijwi rya nde uri kumva?

Umwanzi akunze kwiyoberanya nk'umumarayika w'umucyo. Ijwi rye rishobora kumvikana nk'iry'ukuri, ndetse nk'iry'Ibyanditswe Byera. Sekibi yasubiyemo Ibyanditswe Byera ubwo yageragezaga Yesu, nyamara Yesu yamenye uburiganya kuko we yari ukuri kandi n'ubu niko akiri.

Ibyo wumva bizagena icyerekezo cyawe, bigire uruhare mu byemezo byawe, kandi bigene iherezo ryawe.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, mpa umutima ukunze kandi wumvira wo gukurikira inzira zawe. Reka Ijambo ryawe ribe rikize kandi ryuzuye muri njye, mu izina rya Yesu. Amen.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndatangaza ko amatwi yanjye akurikira ijwi ry'Imana. Ijwi ryose ridasanzwe riracecekeshejwe mu buzima bwanjye. Ngendera mu bushishozi budasanzwe. Nyoborwa n'ukuri, kandi sinzigera nshukwa.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Abaheburayo 5:14

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 326
Ezekiyeli 42-44; 1 Petero 4



UMUSARURO W'IBIHE BYA NYUMA

Matayo 9:37
Maze abwira abigishwa be ati :Ibisarurwa ni byinshi, ariko abasaruzi ni bake.

Igihe cyose Yesu yabonaga hari ufite icyo akeneye, yagiraga impuhwe. Icyakoraga ku mutima w'Imana cyose cyakoraga no kuwa Yesu. Niyo mpamvu yakizaga abarwayi no ku Isabato, yigishaga imbaga y'abantu, kandi akagaburira abashonje.

Muri iki gice, Yesu yaterwaga agahinda n'imbaga y'abantu bari bababaye, bananiwe kandi batatanye nk'intama zitagira umwungeri. Yategetse abigishwa be gusaba Se w'ibisarurwa kugira ngo yohereze abandi bakozi mu bisarurwa bye.

Abakristo benshi baracyategereje igihe gikwiye cyo kuzana abantu kuri Kristo, nyamara Yesu yavuze ko ibisarurwa byamaze kwera. Birihutirwa muri iki gihe. Nimujye mu mayira, mu bihome, no ku mbuga nkoranyambaga zose kandi mubahatire kwinjira, kugira ngo inzu y'Imana yuzure. Mwamamaze Ubutumwa Bwiza ku biremwa byose bidatinze.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, fungura amaso yacu kugira ngo turebe umusaruro uri imbere yacu. Twuzuzemo ubutwari bwo kubwiriza Ijambo ryawe kandi wohereze abandi bakozi mu murima wawe, mu izina rya Yesu rikomeye. Amen.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi ishoka y'intambara mu biganza by'Imana, yoherejwe guhindura imijyi, imidugudu n'amahanga ku bw'Ubutumwa Bwiza bwa Yesu Kristo. Haleluya!

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Luka 14:23

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 327
Ezekiyeli 45-46; 1 Petero 5



UMWANYA W'ISENGESHO

Yuda 1:9
Nyamara Mikayeli ari we marayika ukomeye, ubwo yatonganaga na satani agira impaka na we intumbi ya Mose.

Ubuzima ntibuhora buguha ibyo ukwiriye; buguha ibyo waharaniye. Hariho ukurwanya mu iterambere n'ahazaza hawe. Niba umwanzi yararwanye ku bw'umubiri wa Mose, azarushaho kurwanya intego y'umwana muzima w'Imana ku ruhe rwego?

Mu Bakolosayi 4:12, Pawulo ashima Epafura kubera "gukorana umwete" mu isengesho. Ijambo ry'Ikigiriki agōnizomai risobanura, guharanira, guhatana, kurwana. Isengesho si ukuvuga gusa; ni ugushishikara mu buryo bw'umwuka, guhagarara ushikamye kandi wemye.

Ntukanyurwe muri bike. Umwanzi azerera nk'intare itontoma, ashaka uwo arya. Hagurukira mu isengesho. Rwanira umuryango wawe, ubuzima bwiza, igihugu cyawe, n'iherezo ryawe. Intsinzi izaboneka mu mwanya w'isengesho.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, ubwo mpagurukira gusenga, haguruka mu ruhande rwanjye. Imbaraga zose zirwanya iherezo ryanjye zikurweho mu izina rikomeye rya Yesu. Amen.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Mpagaze nemye mu mwanya w'isengesho. Nakiriye imbaraga zo kurwana n'ubuntu bwo gutsinda. Indwanyi yose irwanya ubuzima bwanjye, umuryango wanjye, n'iherezo ryanjye iratsinzwe. Ngendera mu butsinzi, kandi umugambi wanjye uzasohozwa, mu izina rya Yesu. Amen.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Luka 18:1; Abefeso 6:12; Yakobo 5:16

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 328
Ezekiyeli 47-48; 2 Petero 1



UMUTIMA WOSE

Yakobo 4:8
Mwegere Imana, nayo izabegera.

Mu gihe cy'icyorezo gishize, benshi barushijeho gukora cyane mu buryo bw'umwuka. Umwanya mu ljambo ry'Imana, gusenga no kwiyiriza ubusa wariyongereye, ariko akenshi impamvu ntiyabaga gutinya Imana, ahubwo yari iyo gutinya urupfu.

Dawidi yasenze muri Zaburi 86:11 ati: "Teraniriza hamwe ibiri mu mutima wanjye, Ngo wubahe izina ryawe." Iki cyari icyifuzo cyo gukunda no kubaha Imana n'umutima we wose. Dawidi yasobanukiwe ko urukundo rutunganye rwirukana ubwoba, kandi ko icyo uha agaciro cyane mu mutima wawe ari cyo ukunda.

Ibyanditswe bitwibutsa ko tutahawe umwuka w'ubwoba, kandi iyo umutima ukomeye ku Mana, ubwoba burashira. Imana ntijya idutererana; itegereza yego yacu y'ukuri. Yegere, kandi uzabona ko yahoraga hafi. Reka kugendana n'Imana bibe ibintu bihoraho, atari ibihe by'umwaka ahubwo bibe bishinze imizi mu rukundo nyakuri.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, reka urukundo ngufitiye rube rwiza kandi ruhamye. Unkomeze mu busabane buhoraho nawe buri munsi, iteka ryose. Amen.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Kwifuza kwanjye biri kuri Yesu Kristo. Ndamukunda n'umutima wanjye wose, ubugingo bwanjye bwose, ubwenge bwanjye bwose n'umubiri wanjye wose. Mu gihe gikwiye no mu gihe kidakwiriye, nzavuga urukundo rwe rudashira. Haleluya!

GUSOMA BYISUMBUYEHO
1 Yohana 4:18

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 329
Daniyeli 1-2; 2 Petero 2



GoodNews DAILY

IMBARAGA ZO KUZAMURWA MU NTERA

Abefeso 3:8
N'ubwo noroheje cyane hanyuma y'abera bose, anherewe ubwo buntu kugira ngo mbwirize abanyamahanga ubutumwa bwiza bw'ubutunzi bwa Kristo butarondoreka.

Bibiliya isobanura neza ko kuzamurwa mu ntera biva ku Mana. Ni yo yonyine izamura umwe ikamanura undi. Ibi bigaragaza ko Imana ari yo igena byose, kandi ubuntu bwayo ni imbaraga ziri inyuma y'icyubahiro cyose cy'ukuri.

Intumwa Pawulo yibonaga nk'umuto mu bera bose, nyamara ubuntu bwaramugize utandukanye n'abandi. Impinduka yakoze mu murimo w'Imana zagaragaje imbaraga z'Imana zirenze ubushobozi busanzwe.

Ku Mana, aho wavukiye cyangwa uwakubyaye ntabwo ari byo bigena ahazaza hawe. Icy'ingenzi ni ubuntu bwayo ku buzima bwawe. Uyu munsi, menya ko ubwo buntu ari imbaraga zawe zo kuzamurwa mu ntera. Komeza kwicisha bugufi no kugira umwete, kuko Imana ishyira hejuru abayishingikirizaho.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, ni wowe ukuza abantu. Reka ubuntu bwawe bunsange kandi bunshyire mu rwego rwose wagennye. Mpa imbaraga zo kugendera mu bwiyoroshye no mu mwete mu gihe unshyira mu ntera yo kuzamurwa ku rwego rw'ijuru, mu izina rya Yesu rikomeye.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi mu buntu kandi ijuru ryangize ukwiriye. Ibinkikije bihuye n'ibikenewe ngo ntere imbere. Mva mu bwiza ndushaho kuzamuka, kandi ubuzima bwanjye bugaragaza kuzamurwa mu ntera guhoraho, mu izina rikomeye rya Yesu.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Zaburi 92:10

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 330
Daniyeli 3-4; 2 Petero 3



BARA IMINSI YAWE

Luka 10:42
Ariko ngombwa ni kimwe, kandi Mariya ahisemo umugabane mwiza atazakwa.

Mu murongo wacu ubanza w'uyu munsi, icyari gikuru kuri Marita kwari ugukorera Yesu, nyamara icyari gikuru ku muvandimwe we Mariya kwari ukumvira ijambo ry'Imana ku birenge bya Yesu Kristo.

Marita yahaye umwanya we ibintu by'umubiri, mu gihe Mariya yawuhaye ibintu by'umwuka bifite agaciro gahoraho. Iri ni isomo rikomeye kuri twe: tugomba kwiga kubara iminsi yacu. Ijambo umubare ni ijambo ry'ibaruramari, risobanura kubara no gucunga neza igihe cyacu binyuze mu gutegura no gushyira ku murongo gahunda.

Yesu yigishaga Marita iri hame. Igihe ni isoko y'ingenzi igomba guhabwa agaciro no gukoreshwa neza. Uko umara umwanya mu Ijambo ry'Imana kandi ugasabana n'Umwuka Wera, azayobora inzira yawe, aguhishurire icyo gukora, uko wabikora, n'igihe gikwiye cyo kubikora.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Uwiteka, unyigishe kubara iminsi yanjye, kugira ngo nshyire umutima wanjye muby'ubwenge. Yobora igihe cyanjye nk'uko ushaka.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Iminsi yanjye yashyizweho n'Uwiteka. Nshyira imbere iby'iteka kuruta iby'igihe gito. Igihe cyanjye gitanga umusaruro, intambwe zanjye zirayobowe, kandi ngendera mu bushake bw'Imana butunganye.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Zaburi 90:12

GAHUNDA YOGUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 331
Daniyeli 5-7; 1 Yohana 1



GoodNews DAILY

WISINZIRA

Matayo 13:25
Nuko abantu basinziriye, umwanzi araza abiba urukungu mu masaka, aragenda.

Umwanzi akoresha ijoro kugira ngo atere imbuto mbi. Ijoro rigereranywa n'igihe cy'ubujiji cyangwa kutamenya mu buryo bw'umwuka, aho umwanzi ashaka kwinjiza ibintu bihungabanya ubuzima bw'abana b'Imana.

Nk'abana b'Imana, turi umucyo w'isi, twahamagariwe kumurikira abandi. Twakuwe mu bwami bw'umwijima dushyirwa mu bwami bw'umucyo. None se umucyo uhuriye he n'umwijima?

Bibiliya ivuga muri Yohana 1:5 iti: "Umucyo uvira mu mwijima, ariko umwijima ntiwawumenya." Nyamara bamwe mu bakristo baracyatsindwa, ndetse no mu nzozi n'iyerekwa rya mw'ijoro. Muri ibyo bihe, indwara, ubukene, impanuka, no kwiheba bishobora guterwa n'umwanzi. Ariko ibi ntibikwiye kuba ukuri kwacu. Haguruka uyu munsi. Jya mu isengesho, kwiyiriza ubusa, no mu Ijambo ry'Imana. Anga kubaho nk'umuntu ubabaye. Urenze kuba umutsinzi; gendera muri uko kuri buri munsi.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, umfashe kugaragaza uwo ndiwe by'ukuri muri Kristo no kugendera mu mucyo w'Ijambo ryawe kuruta ibindi byose.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nanze kuba umunyantege nke. Ngendera mu butegetsi, kandi umwijima ntushobora kuntsinda. Haleluya!

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Imigani 4:18

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 332
Luka 22:47-71; Zaburi 120-122



AMARIBA Y'AGAKIZA

Yesaya 12:3
Nicyo gituma muzavomana ibyishimo mu mariba y'agakiza.

Urupfu n'izuka bya Yesu Kristo byazanye agakiza kuzuye ku isi, by'umwihariko ku bamwizera bose. Ibyanditswe byacu bivuga ku masoko y'agakiza mu bwinshi, ntabwo ari soko rimwe. Nyamara Abakristo benshi bishyiriyeho imbibi zo kuvoma mu isoko imwe gusa izana ubuzima bushya muri Kristo.

Buri gice cy'ubuzima bwawe gikorwaho n'amasoko y'agakiza. Mu gakiza hari amasoko y'uburumbuke, gukira, ibyishimo, n'ibindi byose bikenewe, ariko ni wowe ugomba kuyavomamo.

Icyifuzo cy'Imana ni uko twabaho ubuzima bwuzuye. Nk'abana b'Imana, ubuzima bwacu burarenze, burenze ibya kamere uko tuvoma mu masoko y'agakiza. Koresha ukwizera kwawe kugira ngo uvome mu masoko menshi Imana yaguteganyirije.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, ndagushimira ku bw'umurimo w'agakiza warangiye. Mfasha buri munsi kuvoma muri buri riba ry'agakiza riboneka mu Izina rya Yesu.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndatangaza ko ubuntu bugwira mu gihe mvoma mu mariba y'agakiza. Igihe cyose cy'umwuma gikuweho, kandi nera imbuto mu gihe cyabyo no mu gihe kitari icyabyo. Amen.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
2 Petero 1:3

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 333
Daniyeli 8-10; 1 Yohana 2



TEGEKA ISI

Yesaya 1:2
Umva wa juru we, tega amatwi nawe wa si we.

Muri uyu mwaka hazabaho umuhango wo gushyingura, ariko sinjye uzaba ushyinguwe. Iri hishurwa ni ukuri kuri wowe mu izina rya Yesu. Nk'abana b'Imana, dufite ububasha bwo gutegeka isi. Mose mu gihe cye yategetse isi gukinguka no kumira abanzi be: Kora n'abantu bose bafitanye isano na we.

Bibiliya ivuga ku ijuru n'isi nk'ibikoresho byo gufata amajwi bishobora kubwirwa no guhabwa amabwiriza nk'uko Imana na Mose babigenje. Niyo mpamvu abapfumu bashobora gukusanya ubutaka umuntu yanyuzeho bakabukoresha mu gutanga amabwiriza ku buzima bwe.

Uko uyu mwaka urangira, turigisha isi ko yuzuye kandi inyuzwe ku buryo idashobora kutumira. Tuzanyurwa no kuramba, kandi gahunda yose yo gupfa mbere y'igihe ikuweho ku buzima bwacu n'ubw'imiryango yacu.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, ndasenze ngo ubuzima bwanjye n'ubw'umuryango wanjye bukomeze kurindwa. Amen.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ijuru n'isi, munyumve: mira umwanzi wese kandi usuke imigisha yose ihishwe ku iherezo ryanjye, mu izina rya Yesu.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Gutegeka kwa Kabiri 30:19

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 – UMUNSI WA 334
Daniyeli 11-12; 1 Yohana 3



GoodNews DAILY

ALUFA NA OMEGA

Ibyahishuwe 1:8
Ndi Alufa na Omega, ni ko Uwiteka Imana ivuga; ndi Uhari, Wahozeho kandi Uzaza, Ishoborabyose.

Iyo Bibiliya ivuga ko Imana ari Alufa na Omega, abantu benshi bahita batekereza ko bivuga ko ari Itangiriro n'Iherezo gusa. Ariko ubusobanuro bwabyo burenze aho. Mu muco w'Abayahudi, bandikaga bava iburyo bajya ibumoso. Mu yandi magambo, Imana ibanza kureba iherezo mbere yo gutangira. Ni yo mpamvu Bibiliya ivuga ko Yesu yabambwe mbere y'uko isi ishyirwaho. Mbere y'uko umuntu akora icyaha, Imana yari yamaze gutegura Kristo ngo abe igitambo cyo kumucungura.

Ubuzima bwawe na bwo ni umugambi Imana yamaze kuzuza mbere y'uko ubaho. Mbere y'uko ikurema, yari yararangije gutegura imigisha yose yo mu mwuka n'iyo mu buzima busanzwe ikubereye. Mu Izina rya Yesu, nta cyiza na kimwe uzabura.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami Ushoborabyose, Alufa na Omega, ndagushimira. Ubuzima bwanjye burazwi kandi bwashyizweho urufatiro muri Wowe. Mbere y'uko ntangira urugendo rwanjye, wari wararangije ibyo unkoreye byose. Uyu munsi ngenda mfite icyizere cyuzuye ko nahawe imigisha yose yo mu mwuka n'iyo mu buzima busanzwe muri Kristo Yesu. Nta cyiza na kimwe nzabura; ninjira muri uyu munsi mfite amahoro, intego n'icyizere cyuzuye cy'umugambi wawe ku buzima bwanjye. Mu Izina rya Yesu. Amen.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Sinzabura icyiza na kimwe muri ubu buzima. Ndi ubuhamya buzima bw'ibyo Imana ikora. Ibyo umutima wanjye wifuza byose birimo kuza kuri njye mu Izina rya Yesu.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
1 Petero 1:19–20

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 335
Hoseya 1–4; 1 Yohana 4



UWO NDI WE

2 Abakorinto 5:17
Nuko rero, umuntu wese iyo ari muri Kristo aba ari icyaremwe gishya: ibya kera biba bishize, dore byose biba bihindutse bishya.

Iyo ndi gutwara imodoka, hari igihe mbona abapolisi bato mu myaka cyangwa bafite igihagararo gito bahagarara mu muhanda bagatanga amabwiriza ndetse bakanayobora urujya n'uruza rw'ibinyabiziga. Nubwo baba basa n'aboroheje, ni iki gituma abatwaye amakamyo manini n'abandi bakuru babumvira? Ni umurimo ubaranga. Bahagarariye ububasha bwa Leta, kandi ayo mabwiriza batanga aba ashyigikiwe n'ubutegetsi burenze kure imbaraga cyangwa igihagararo cyabo. Kubasuzugura cyangwa kubarwanya bifatwa nko kurwanya ubutegetsi bw'igihugu.

Nawe uri umwana w'Imana, wabyawe n'Imana ubwayo. Uwo uri we n'ububasha ufite ntibishingira ku isura yawe cyangwa ku mbaraga zawe z'umubiri. Tegeka uyu munsi n'uku kwezi, maze bizatanga umusaruro wifuza. Vugisha ibikuzengurutse, kandi ibisubizo uzabibona mu Izina rya Yesu.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, ndagushimira ko wangize umwana wawe kandi ukampa kuba mushya muri Kristo. Uyu munsi ngenda nzi neza ko nshyigikiwe n'ububasha n'imbaraga byawe. Ndatura ubuzima, ubuntu n'intsinzi kuri uyu munsi, kuri uku kwezi no ku bidukikije byose. Buri kintu cyose kinyerekeye kirahuza n'umugambi wawe mwiza ku buzima bwanjye. Sinzatinya kandi sinzahungabanywa, kuko ndi uwawe. Mu Izina rya Yesu. Amen.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi umwana w'Imana, wabyawe n'Umwuka Wera. Ubuzima buzira umuze n'umugisha ni umugabane wanjye. Amahirwe n'imiryango y'imigisha birimo kunsanga biturutse mu mpande zose mu Izina rya Yesu.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Yohana 1:12

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 336
Hoseya 5–6; 1 Yohana 5



UMWANZI WATSINZWE

Yesaya 14:16
Abazakubona bazakureba bitonze cyane, bagutekerezeho bati: 'Mbese uyu ni wa muntu watigisaga isi, agahinda ibwami?

Abantu benshi, harimo na bamwe mu Bakristo, batekereza ko Satani ari ikiremwa kinini gifite amahembe. Nyamara ibyo si byo Bibiliya yigisha. Iyo ni ishusho yagiye ikwirakwizwa n'abashushanyaga ibitabo by'abana. Dukurikije ibyo Yesaya yavuze, tuzamureba tubanje guhumiriza cyane. Ibyo bisobanura ko azaba ari muto cyane ku buryo uzabanza guhunika amaso kugira ngo umubone neza. Uzatangara wibaze ukuntu ikiremwa gito nk'icyo cyigeze guteza imvururu no guhungabanya amahanga.

Satani si munini; ahubwo ni muto cyane ugereranyije n'ububasha ufite muri Kristo. Ntugahe agaciro cyangwa ubutware ibyo ashobora gukora. Umwanya we ni munsi y'ibirenge byawe. Komeza utere intambwe nini ugana ku ntsinzi yawe, kuko umwanzi adashobora guhagarika umugambi Imana ifite ku buzima bwawe mu Izina rya Yesu.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data wo mu ijuru, ndagushimira ku ntsinzi wampaye muri Kristo Yesu. Ijambo ryawe rivuga ko ubutware bwose n'ubushobozi bw'umwanzi byatsinzwe binyuze ku musaraba, kandi mpagaze muri iyo ntsinzi. Nanze gutinya cyangwa kwemera ikinyoma icyo ari cyo cyose gishyira imbaraga z'umwanzi hejuru y'ububasha bwawe mu buzima bwanjye. Ngenda mfite ubutware busesuye, nzi neza ko Uri muri jye aruta cyane uri mu isi. Mu Izina rya Yesu. Amen.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Umwanzi ari munsi y'ibirenge byanjye, kandi ntazigera ahagarika umugisha cyangwa umugambi wose Imana yageneye ubuzima bwanjye. Ndi umutsinzi, kuko Uri muri njye aruta cyane uri mu isi.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Abakolosayi 2:15

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 337
Hoseya 7–8; 2 Yohana



KORESHA UBUTWARE BWAWE

Luka 10:19
Dore mbahaye ubutware bwo gukandagira inzoka na sikorupiyo, n'ubwo gutsinda imbaraga zose z'umwanzi; kandi nta kizabagirira nabi na gito.

Yesu yavuze ko yahawe ubutware bwose mu ijuru no mu isi. Hanyuma aravuga ati: "Dore mbahaye ubutware..." Ubutware bwose Kristo yari afite yabusangije jye nawe. Yaduhaye imbaraga zo gutera imbere, gutsinda no gukora ibitangaza. Imbaraga zidatsindwa ziri muri wowe; icyo usabwa ni ukuzikoresha ukoresha ubutware Imana yaguhaye mu bibazo byose by'ubuzima bwawe.

Uyu ni umunsi mushya. Kanguka umenye ko Imana yaguhaye ubutware busesuye. Koresha ubwo butware ku bibazo byose uhura na byo, kandi uzagaruka ufite ubuhamya bw'ibyo Imana yagukoreye.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data wo mu ijuru, nanze kuba imbata y'ibibazo cyangwa ibihe ndimo. Nkandagira ku bikorwa byose by'umwanzi kandi ndatangaza ko nta kintu na kimwe kizangirira nabi. Ibyabaye imbogamizi ku iterambere ryanjye byose, ndabitegeka kwakira gahunda y'Imana, kubona ibisubizo no kujya mu murongo wayo mwiza. Nakije imbaraga wampaye zo gutera imbere, gutsinda no kugendera mu bitangaza. Nkoresha ubutware bwanjye ku buzima bwanjye, ku bukungu bwanjye, ku muryango wanjye no ku hazaza hanjye. Reka imbaraga zose z'umwijima zari zihishe zice bugufi imbere y'ubutware bwa Kristo. Mu Izina rya Yesu. Amen.

PROPHETIC DECLARATION

Mpagurukana ubutwari, si ubwoba. Ngendera mu butware, si mu gutsindwa. Ndatura ko Imana yampaye imbaraga zo kunesha no gutsinda muri byose, mu Izina rya Yesu.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Matayo 28:18

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 338
Hoseya 9–10; 3 Yohana



UBUZIMA BWAWE NI UBUTUMWA BWIZA

2 Abakorinto 3:2
Ni mwe rwandiko rwacu, rwanditswe mu mitima yacu, ruzwi kandi rusomwa n'abantu bose.

Nkunda kuvuga nti: "Bwiriza Ubutumwa Bwiza, ariko nibiba ngombwa, ukoreshe amagambo." Hari abashobora kwibaza bati, "None se twabwiriza dute tudakoresheje amagambo?" Ariko Bibiliya ivuga ko uri urwandiko rwa Kristo. Ibyo bisobanura ko ubuzima bwawe ubwabwo ari ubutumwa bubwiriza abantu.

Abantu bakwitegereje bakwiye kubona Kristo muri wowe, kugeza aho bahitamo kumwakira nk'Umwami n'Umukiza wabo. Imibereho yawe igomba kugaragaza umwuzuro w'Imana. Ubuntu bwayo, urukundo rwayo n'ubwiza bwayo bikwiye kugaragarira muri wowe, kugira ngo abandi bayibonemo.

Uko ukomeza gusoma iyi NkuruNziza ya buri munsi, Imana iragenda iguhindura kugira ngo urusheho gusa na Yo. Uyu ni umwaka wawe wo kugaragariza isi ko Imana ibaho. Binyuze mu mibereho yawe, abantu benshi bazamenya Umwami wacu Yesu Kristo.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, mpindurira imbere mu mutima kugira ngo imico yanjye ibe ubuhamya bugaragaza Kristo. Ahari intege nke, umpe imbaraga; ahari ukudahama, mpuze neza n'Umwuka wawe. Reka ubuzima bwanjye butavuga gusa, ahubwo bubwirize Ubutumwa Bwiza binyuze ku kuba inyangamugayo, kugira neza no kubaho mu kwera.

PROPHETIC DECLARATION

Ndi urwandiko rwa Kristo, rusomwa kandi rubonwa n'abantu bose. Benshi bazamenya Kristo banyuze ku buzima bwanjye. Ni ukuri, ineza n'imbabazi z'Uwiteka bizamperekeza iminsi yose nkiriho.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Matayo 5:16

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 339
Luka 23:1–25; Zaburi 123–125



NINDE WAKUBWIYE?

Itangiriro 3:11
Iramubaza iti: 'Ni nde wakubwiye ko wambaye ubusa? Mbese wariye ku giti nakubujije kuryaho?

Nyuma y'uko Adamu na Eva bakoze icyaha, Bibiliya ivuga ko bihishe kuko babonye ko bambaye ubusa. Imana iza kubasanga, maze ibabaza ikibazo cyoroshye iti: "Ni nde wababwiye ko mwambaye ubusa?" Imana ntiyari ihakana ko bambaye ubusa. Icyayihangayikishije ni uwababwiye ko bambaye ubusa. Bari bambaye ubusa kuva mbere, ariko Satani ni we watumye babimenya maze bituma bagira ubwoba n'ikimwaro.

Umuntu wese uhora akwibutsa ibyaha byawe cyangwa gutsindwa kwawe aba akora umurimo uhuje n'uw'umwanzi. Ni nde wakubwiye ko ibyaha byawe bitababariwe? Ni nde wakubwiye ko utazabigeraho? Wabambanywe na Kristo, kandi wazukanye na We. Nta cyaha cyangwa intege nke bikikurimo. Uri umunyamugisha cyane ku buryo umuvumo udafite ububasha kuri wowe, mu Izina rya Yesu.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data wo mu ijuru, ndagushimira umurimo utunganye wakozwe ku musaraba n'intsinzi mfite muri Kristo Yesu. Nanze kwakira ijwi iryo ari ryo ryose rizanira ubuzima bwanjye gucirwaho iteka, ubwoba, ikimwaro cyangwa imbogamizi. Ngumye ku kuri kw'Ijambo ryawe, kandi ngendera mu mudendezo n'ubuntu bwa Kristo. Mu Izina rya Yesu. Amen.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi umunyamugisha cyane ku buryo umuvumo udafite ububasha kuri jye. Ubuntu bw'Uwiteka ni bwo buturo bwanjye bw'iteka ryose, kandi imigabane yanjye yose yaguye ahantu heza, mu Izina rya Yesu.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Abaroma 8:1

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 340
Hoseya 11–12; Yuda



WOHEREJWE NGO UGANZE

Zaburi 82:6
Naravuze nti: 'Muri imana, kandi mwese muri abana b'Isumbabyose.

Umwami Charles ntiyari kuba umwami igihe nyina yari akiri ku ngoma. Igikomangoma gishobora kwima ingoma gusa iyo umwami cyangwa umwamikazi atakiriho. Nubwo yaba ari we uzasimbura ku ngoma, ntashobora kuyobora igihugu cyose igihe umwami akiriho. Ni yo mpamvu ahantu nkA Wales hababo, kugira ngo igikomangoma kigire aho gikorera inshingano zacyo, kuko ako gace kagengwa mu buryo bwihariye.

Mu buryo nk'ubwo, Imana ivuga ko natwe turi "imana", nk'uko Ijambo ryayo ribivuga. Iyo twese tuba mu Ijuru, ntitwari kuba twese dukoresha ubutware bwacu icyarimwe imbere y'Intebe yayo. Ni yo mpamvu Imana yatwohereje ku isi, kugira ngo tuyiganze kandi tuyitegeke. Yakwohereje kugira ngo utware imiryango, abaturage, ubuyobozi n'ibihugu. Isi iragutegereje; sohoka ujye kunesha!

PRAYER FOR TODAY

Mwami, mpishurira neza inshingano wampereye ku isi. Kuraho imipaka yose, ubwoba n'urujijo bintera kutagira umumaro nk'uko wabigambiriye. Sindi umuntu usanzwe; wanyohereje kugira ngo nzane impinduka, ngire umumaro mu nzego zitandukanye kandi ngaragaze Ubwami bwawe. Mpa imbaraga zo kunesha buri kibazo gihagaze imbere yanjye. Reka ubuzima bwanjye buhindure umuryango wanjye, abo mbana na bo n'igihe cyanjye. Amen.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Naremewe kuganza isi. Mfite ubutware buva ku Mana bwo guhindura ibintu mu muryango wanjye, mu baturage b'iwacu no mu gisekuru cyanjye. Uyu munsi ndasohoka nk'uwatumwe n'Imana kunesha no kuganza, mu Izina rya Yesu.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Itangiriro 1:28

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 341
Hoseya 13–14; Ibyahishuwe 1



UBUTUMWA BWIZA KURUSHA UBUNDI

Yesaya 53:1
Ni nde wizeye ibyo twumvise? Kandi ukuboko k'Uwiteka kwahishuriwe nde?

Isi yuzuyemo amakuru n'ubutumwa bw'ingeri zose. Nkunda kuvuga nti: Muri iki gihe, nutareba amakuru ushobora kutamenya ibibera mu isi, ariko nuramuka uyakurikiye utitonze ushobora kwemera amakuru ayobya. Imiyoboro myinshi y'amakuru yuzuyemo kubogama, poropaganda n'ubutumwa buyobya abantu.

Ariko umuhanuzi Yesaya yabajije ikibazo cy'ingenzi ati: "Ni nde uzizera ibyo tuvuga?" Muri aka kanya, Imana irakubwira ko amahoro n'umugisha biri kuza mu buzima bwawe. Ikibazo si uko hari izindi raporo zivuga ibinyuranye n'ibyo Imana yavuze; ikibazo ni ni iyihe raporo uzahitamo kwizera? Hitamo kwizera Ijambo ry'Imana kuruta andi majwi yose. Wizere ibyo ikubwira, ubishyire mu bikorwa, kandi uzagaruka ufite ubuhamya.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, nizera buri jambo rituruka mu kanwa kawe. Mfasha kugira ubushake no gukora ibyo umbwira. Nanesheje gushidikanya kose n'amaganya yose, mu Izina rya Yesu.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ijambo ry'Uwiteka ni ryo rimpa icyerekezo kandi ni ryo riyobora intambwe zanjye. Sinzacikwa n'umugambi Imana yanteguriye. Umugabane wanjye urarinzwe kandi urahamye mu Izina rya Yesu.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Abaroma 10:16

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 342
Yoweli 1–3; Ibyahishuwe 2



INTAMBARA YO MU BITEKEREZO

2 Abakorinto 10:5
Dusenya ibitekerezo n'ikintu cyose cyishyira hejuru kikarwanya kumenya Imana, kandi tugafata mpiri buri gitekerezo cyose kugira ngo cyumvire Kristo.

Ubwenge bw'umuntu si urugingo rw'umubiri rutekereza gusa ku bibazo n'ibisubizo by'ubuzima. Burenze ibyo. Bibiliya ivuga ko uko umuntu atekereza mu mutima we, ari ko aba. Ibyo bisobanura ko ubuzima bwawe bugaragaza ibyo ugaburira ibitekerezo byawe.

Icyanditswe cy'uyu munsi kitwigisha ko ibitekerezo byacu ari ho intambara ibera. Hari ibitekerezo biza mu mutima bidaturuka ku Mana. Ni yo mpamvu tugomba kugenzura buri gitekerezo cyose tukakigandukiriza Ijambo ry'Imana. Iyo ibitekerezo by'urupfu, gutsindwa, gukorwa n'isoni cyangwa guteshwa agaciro biza mu bwenge bwawe, bihinduze uvuga amagambo y'ubuzima kandi uhite wirukana ibitekerezo byose bibi. Imana yakugeneye gutera imbere no gusagamba. Imigisha yayo iri ku buzima bwawe kandi izakurenza urugero.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, binyuze mu Ijambo ryawe, nesha amayeri yose y'umwanzi. Ibitekerezo byanjye n'umubiri wanjye mbigandukije Ijambo ryawe kandi Ijambo ryawe rizambera ishingiro ry'ubuzima kugeza ku munsi wo kuzamurwa kw'Itorero.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndatura kandi ndategeka ko Ijambo ry'Imana ari ryo rugero rw'ubuzima bwanjye kandi ari ryo shingiro ryanjye rihamye. Nta kintu na kimwe cyo muri ubu buzima kizanyeganyeza, mu Izina rya Yesu.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Luka 12:22–26

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 343
Amosi 1–3; Ibyahishuwe 3



UBUDAHANGARWA BW'INTUMWA Z'IGIHUGU

2 Abakorinto 5:20
Nuko rero turi intumwa za Kristo, nk'aho Imana ibinginze ibinyujije muri twe. Tubinginze mu cyimbo cya Kristo tuti: Mwiyunge n'Imana.

Imana yampaye umugisha wo kuba umwe mu bayobozi bayihagarariye muri iki gihe. Uretse gukorera Imana mu murimo w'ubukristo, nagize n'umugisha wo kuba Ambasaderi w'igihugu cyanjye. Ibyo byatumye ndushaho gusobanukirwa uko ubuyobozi bukorwa ndetse n'uburenganzira bwihariye buhabwa abadipolomate.

Urugero, iyo umuntu akoze icyaha mu gihugu cye agahungira muri ambasade y'ikindi gihugu, inzego z'umutekano z'icyo gihugu ntizishobora kumufatira aho. Impamvu ni uko, hakurikijwe amategeko agenga ubudahangarwa bw'abadipolomate, aba atakiri ku butaka bw'igihugu cye, ahubwo aba ari ku butaka bw'igihugu iyo ambasade ihagarariye. Mu buryo nk'ubwo, igihe Imana ivuze ko uri intumwa yayo, iba ivuga ko uhagarariye Ubwami bw'Ijuru uri hano ku isi. Nubwo uba uba mu isi, ubuzima bwawe buyoborwa n'Ubwami bw'Imana. Ni yo mpamvu abadayimoni, ibyago n'ibitero by'umwanzi bidafite uburenganzira bwo kukugeraho. Ufite ubudahangarwa nk'intumwa y'Ubwami bw'Imana, mu Izina rya Yesu.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, mfasha gukoresha uburenganzira n'ubutware wampaye nk'umwana wawe. Abanzi bose bahagurukiye ubuzima bwanjye, ndabategetse kurekura ibyo bafashe byose, mu Izina rya Yesu.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi intumwa y'Ubwami bw'Ijuru. Nategeka kandi ndatura ko mu buzima bwanjye hatazabamo amapfa cyangwa kubura. Ibyiza byose bigendanye n'ubuzima bwanjye birimo kuza kuri jye nonaha, mu Izina rya Yesu.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
1 Petero 2:9

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 344
Amosi 4–6; Ibyahishuwe 4



URWEGO RURENZEHO

Zaburi 8:5
Wamuremye ari hasi gato y'Imana, umwambika ikamba ry'icyubahiro n'ubwiza.

Abakristo benshi, kimwe n'abandi bantu, basobanukirwa nabi iki cyanditswe. Ubusobanuro nyabwo bwacyo bushobora gutangaza benshi, ariko ni ukuri kugaragazwa n'Ibyanditswe. Ijambo "abamarayika" riri muri zimwe mu ndimi zakoreshejwe mu buhinduzi bwa Bibiliya, mu rurimi rw'Igiheburayo ni "Elohim," risobanura Imana ubwayo, ntabwo risobanura abamarayika nk'intumwa z'Imana.

Bityo rero, muri uru rwego rw'ubwami bw'Imana, umuntu yaremwe ari hasi gato y'Imana ubwayo, kandi abamarayika bakurikiraho. Ibi bikwereka agaciro n'umwanya Imana yaguhaye. Uri mukuru kandi ufite ubushobozi burenze uko ubyiyumvisha. Sohoka ujye kunesha kandi uganze.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, ndagusaba ngo ku bw'ubuntu bwawe n'ubwenge wampaye, ibintu byose bihindukire bitangire gukorera ineza yanjye. Uyu munsi, buri ntambwe ntera iyoborwa na Mwuka w'Imana mu byo nkora byose.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ntegetse intsinzi yanjye guhuza n'umugambi w'Imana ku buzima bwanjye. Kubw'imbaraga z'Imana, ndatura kandi ndategeka ko ndi umutsinzi muri byose, mu Izina rya Yesu.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Itangiriro 1:26–27

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 345
Amosi 7–9; Ibyahishuwe 5



IMPANO YO GUKIRANUKA

Abaroma 5:17
Niba urupfu rwarategetse rwifashishije igicumuro cy'umuntu umwe, noneho abarushaho kwakira ubuntu busesuye n'impano yo gukiranuka bazategekana na we mu bugingo, ku bwa Yesu Kristo umwe.

Impano ni ikintu umuntu ahabwa ku buntu, atari uko hari icyo yakoze ngo agihabwe, ahubwo biturutse ku rukundo n'ubushake bw'uyimuhaye. Bibiliya ivuga ko twahawe impano yo gukiranuka. Gukiranuka ni ukuba uhagaze neza imbere y'Imana. Ese umuntu yabigeraho ate? Ni ukubera ko wakiriye Yesu Kristo.

Igihe wakiriye Kristo, gukiranuka kuri muri wowe ntikuba kukiri ukwawe, ahubwo kuba ari ukwa Kristo. Ni yo mpamvu ushobora kwegera Imana ufite ubutwari, ukayisaba icyo ushaka cyose. Iyo ikureba, ntibona amakosa yawe cyangwa ubusembwa bwawe; ibona Kristo muri wowe. Umwami wacu Yesu Kristo ni uwera kandi aratunganye. Kuko uri muri We, nawe wabaye umukiranutsi kandi wejejwe imbere y'Imana. Haleluya!

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, ndagushimira ku mpano yo gukiranuka wampaye. Ndagusaba ko nkomeza kugendera mu gusobanukirwa no kugira ibitekerezo bishya. Icyo nzategeka cyose kizakorwa, kuko ndi uwawe kandi nawe uri uwanjye.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndatura ko nakiriye ubuntu busesuye n'impano yo gukiranuka binyuze muri Kristo. Mpagaze nk'uwatsindishirijwe, wemerwa kandi utagira umugayo imbere y'Imana. Ndaganje mu buzima hejuru imbaraga z'icyaha, ubwoba n'imbogamizi zose. Ijwi ryanjye rifite ubutware, kuko mvugira mu mwanya mfite muri Kristo Yesu.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Abaroma 3:22–24

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 346
Luka 23:26–56; Zaburi 126–128



AKANZU

1 Abakorinto 10:13
Nta kigeragezo kibasha kubageraho kitari urusange mu bantu, kandi Imana ni iyo kwizerwa kuko itazabakundira kugeragezwa ibiruta ibyo mushobora, ahubwo hamwe n'ikibagerageza izabacira akanzu, kugira ngo mubone uko mubasha kucyihanganira.

Mu bice byinshi by'ubuzima, abantu b'abanyabwenge bategura ubuhungiro y'uko bahura n'ikibazo. Abapilote batozwa uburyo bwo kwitabara igihe habaye impanuka mbere y'uko bahura na zo. Inyubako zubakwa zifite inzira z'ubuhungiro zigaragara neza igihe habaye inkongi y'umuriro. N'abashora imari bashyiraho uburyo bubafasha kugabanya igihombo mbere y'uko kibageraho. Ibi byose bikorwa mbere kugira ngo igihe ikibazo kivutse, habe hari akanzu ko gusohokeramo.

Muri ubwo buryo ntiyigeze igusiga nta buhungiro ufite. Yaba ari ibibazo by'amafaranga, ibisubizo by'abaganga, gutsindwa byisubiramo cyangwa ibihe bikomeye bigusatira, Imana iba yarateguye inzira yo kubivamo. Ntiwagenewe kubaho nk'ab'isi cyangwa kugerwaho n'ingaruka nk'izibageraho. N'iyo ibintu byasa n'ibyageze ku iherezo, Imana ihora ica akanzu. Icyo usabwa ni ukuyimenya no kuyigenderamo.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data wo mu ijuru, ndagushimira ko wamaze kuncira akanzu. Fungura amaso yanjye kugira ngo mbashe kubona inzira wanteguriye muri buri kibazo mpura na cyo.

PROPHETIC DECLARATION

Mfite ubushishozi bwo kumenya no kugendera mu nzira yose yo gusohoka Imana yanteguriye. Sinzafatirwa mu mutego, sinzabaho mu mbogamizi kandi sinzaneshejwe n'ikintu icyo ari cyo cyose. Mva muri buri kibazo mfite intsinzi, mu Izina rya Yesu.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
2 Petero 2:9

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 347
Obadiya; Ibyahishuwe 6



WAROKOWE IKIBI

Yakobo 1:13
kuko bidashoboka ko Imana yoshywa n'ibibi, cyangwa ngo na yo igire uwo ibyohesha.

Hari ibikoresho bimwe na bimwe bikozwe mu buryo bitemerera ikintu icyo ari cyo cyose kubyinjiramo cyangwa kubihindura. Ibi bikoresho bikozwe mu buryo bitemera kwinjirwamo n'icyo ari cyo cyose. Bishobora guterekwa ahantu habi, ariko ibyo ntibihindura imiterere yabyo. Ikibyikubiseho ntikibyinjiramo.

Ni ko Imana imeze. Nta kibi gishobora kuyigeraho, kuyigiraho ingaruka cyangwa kubona umwanya muri Yo. Noneho, kubera ko wabyawe n'Imana, nawe ufite iyo kamere yanga ikibi. Iyo usobanukiwe ibi, ureka kubaho nk'uhora urwana n'ikibi, ahubwo utangira kubaho uhereye ku kamere yawe nshya muri Kristo.

Ntukigere wemera ikintu icyo ari cyo cyose kidahuye n'uwo uri we muri Kristo. Komeza ugume udahungabanywa, udacogora kandi utanduzwa n'ikibi, kuko kamere y'Imana iri muri wowe itacyemerera kubona umwanya mu buzima bwawe.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, ndagushimira ko wampaye gusangira kamere nawe. Komeza kunsobanurira byimazeyo uwo ndi we muri Kristo, kugira ngo mbeho hejuru y'ibigeragezo byose kandi nange ikintu cyose kitava kuri Wowe.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Sintegekwa n'imbaraga z'ikibi. Ikibi nta bubasha gifite kuri jye kandi nta mwanya gifite mu buzima bwanjye. Sinakira kandi sinemera kuganzwa n'ibigeragezo cyangwa ibyanduza, mu Izina rikomeye rya Yesu.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
1 Yohana 5:18

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 348
Yona 1–4; Ibyahishuwe 7



IJAMBO RY'IMANA RIGOMBA GUKURA

Ibyakozwe n'Intumwa 6:7
Ijambo ry'Imana rikomeza kwamamara, umubare w'abigishwa ugwira cyane i Yerusalemu, ndetse n'abatambyi benshi bumvira kwizera.

Ahantu hose, ikintu cyose gihabwa umwanya, kikitabwaho kandi kigahabwa amahirwe yo gukura, amaherezo ni cyo kiganza. Iyo umurima usizwe ntawe uwitayeho, urwiri nirwo ruwigarurira. Nta kintu kiguma uko kiri igihe kirekire; buri gihe hari ikiba kiri gukura. Icyo ugaburira ni cyo kigira imbaraga, naho icyo wirengagiza kigacika intege. Ni ko bimeze no mu buzima bwawe.

Niba Ijambo ry'Imana ridakura muri wowe, hari ikindi kizafata uwo mwanya. Amaganya, ubwoba n'amajwi anyuranye n'ukuri kw'Imana bizatangira kukuganza, atari uko bikurusha imbaraga, ahubwo ni uko wabihaye umwanya wo gukura. Imana ntiyakuremeye kubaho uganzwa n'ibibazo cyangwa ibihe uhura na byo. Ijambo ryayo rigomba gukura muri wowe kugeza ribaye imbaraga zikomeye ziyobora ubuzima bwawe. Iyo Ijambo ry'Imana ari ryo rifite ijambo rya nyuma mu buzima bwawe, ni wowe utsinda. Rikomeze urigaburire umutima wawe, urivuge kandi urishyire mu bikorwa, kugeza igihe rikuriye rikagira ubutware busesuye muri wowe.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, ndagushimira kubw' mbaraga z'Ijambo ryawe rikorera muri jye. Niyemeje kurigaburira umutima wanjye buri munsi no kuriha umwanya wa mbere mu buzima bwanjye. Reka Ijambo ryawe rikomeze gukura muri njye kugeza igihe rigenzura buri gice cy'ubuzima bwanjye.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ijambo ry'Imana rikura cyane muri jye kandi riranesha mu bice byose by'ubuzima bwanjye. Sinzaneshwa n'ibibazo cyangwa ibihe nyuramo. Ndi umutsinzi, kuko Ijambo ry'Imana riri muri jye ari ryo rinesha.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Abakolosayi 3:16

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 349
Mika 1–3; Ibyahishuwe 8



KANGURA IBIRI MURI WOWE

1 Timoteyo 6:17
Imana iduha byose itimana ngo tubinezererwemo.

Niba warigeze unywa ikinyobwa cya Italian soda, uba warabonye ko umutobe uryohereye ubanza kuguma hasi y'ikirahure, mu gihe amazi aba hejuru asa n'atarimo uburyohe. Ariko iyo uvanze icyo kinyobwa, ubwo buryohe bwari bwihishe hasi bukwira hose, maze ikinyobwa cyose kikaryoha.

Ni na ko bimeze ku mukristo wese. Muri wowe harimo ibyo Kristo yamaze kugutsindira (ubuzima bw'intsinzi, umunezero, ubuzima buzira umuze, amahoro, umugisha n'ubukire). Ariko hari benshi batarimo kubaho mu bwuzure bw'ibyo Imana yabahaye. Si uko bitabafitiwe, ahubwo ni uko bitarakangurwa ngo bigaragare mu buzima bwabo. Koresha Ijambo ry'Imana kugira ngo ukangure ibyo Imana yamaze gushyira muri wowe. Ntukemere ko imbaraga z'Imana ziri muri wowe zisinzira.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, ndagushimira ku ntsinzi wamaze kunkorera muri Kristo Yesu. Nyigisha gukangura no gukoresha ibyo washyize muri jye, kugira ngo imbaraga zawe zigaragare mu bwuzure mu buzima bwanjye. Mu Izina rya Yesu. Amen.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nanze kubaho ubuzima bwo kudakoresha ibyo Imana yanshyizemo kandi businziriye. Ibyo Kristo yankoreye birakora kandi biragaragara muri njye mu bice byose by'ubuzima bwanjye.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Yohana 10:10

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 350
Mika 4–5; Ibyahishuwe 9



KORA UDAHAGARIKA

Luka 19:13
Nuko ahamagara abagaragu be icumi, abaha mina cumi arababwira ati 'Mube muzigenzura kugeza aho nzazira.'

Ku muntu wese wuzuye Umwuka Wera, nta gushidikanya ko Yesu azagaruka. Ukuza kwe kuregereje cyane. Ariko mbere yo kugaruka kwe, Bibiliya iduha amabwiriza asobanutse igira iti: "Mubigenzure kugeza igihe nzazira."

Ijambo "mugenzure" ntirisobanura gusa kuba uhari cyangwa kwicara utegereje. Risobanura gukora, kubyaza umusaruro ibyo Imana yagushinze no gukomeza umurimo wawe kugeza Yesu agarutse. Igihe cyose ukiri hano ku isi, jya ukorana umwete, ukoreshe impano n'ubushobozi Imana yaguhaye, kandi ukore umurimo ufite umumaro. Imana isezeranya guha umugisha umurimo w'amaboko yawe no gutuma imbuto z'imihati yawe zera.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mana Data, ha umugisha umurimo w'amaboko yanjye n'imbuto z'umuhati wanjye. Mwuka Wera, ba umuyobozi wanjye kandi umpugure mu buryo bwiza bwo gukora, kugira ngo nigarurire ibyo Imana yanteganyirije byose.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nigarurira kandi mfata ibice bishya Imana yanteguriye. Isi izanyerera umusaruro mwiza, mu Izina rya Yesu.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Abakolosayi 3:23–24

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 351
Mika 6–7; Ibyahishuwe 10



NTABWO NDI UWA GUKOMEZA AHO NDI

Imigani 4:18
Ariko inzira y'abakiranutsi imeze nk'umucyo utambitse, ugenda urushaho kurabagirana ukageza ku manywa y'ihangu.

Amazi adatemba ni yo akunda kubamo imibu n'indwara zitandukanye, mu gihe amazi meza kandi asukuye ari ahora atemba. Ni na ko bimeze mu buzima bw'umuntu. Umuntu udatera imbere cyangwa udakomeza gukura aba yorohereza umwanzi kumutera ibitekerezo bibi birimo urwango, ibinyoma, inzika n'umujinya. Ikintu kidakomeza kugenda gitangira kwangirika, ariko ikigenda gitera imbere gikomeza kuba kizima kandi nticyoroshye kwanduzwa.

Ni na ko bimeze mu buzima bw'umwuka. Bibiliya ivuga ko tuva mu bwiza tujya mu bundi bwiza, tuva ku rwego rumwe rw'imbaraga tujya ku rundi, kuko mu Mana nta guhagarara cyangwa gusubira inyuma bibayo. Mu rugendo rwawe na Kristo, ntiwagenewe kuguma ku rwego rumwe igihe kirekire ngo wangizwe n'ibikuzengurutse. Uyu munsi, ubuzima bwawe burakomeza gutera imbere, kandi buri gice cyabwo kiragenda gifata ishusho irushijeho kuba nziza.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, ndagushimira ku bwiza bwawe n'icyubahiro cyawe bigaragarira mu buzima bwanjye. Kubw'ubuntu bwawe bwihariye, ha umugisha ubucuruzi bwanjye, umurimo wanjye n'ibintu byose umfitiye. Mu Izina rya Yesu. Amen.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndemeje kandi ndatangaza ko ndi imbaraga zihindura isi, kandi nta kintu na kimwe kizambuza cyangwa ngo kimpagarike. Ndategetse ko inzugi nshya z'ubuhamya zinkingukirwa, mu Izina rya Yesu.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Imigani 4:18

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 352
Nahumu 1–3; Ibyahishuwe 11



GUHINDURWA BURUNDU

2 Abakorinto 3:18
Ariko twese, twebwe abareba ubwiza bw'Uwiteka mu maso hadatwikiriwe, nk'uburebera mu ndorerwamo, duhindurwa tugasa na we, tuva mu bwiza tujya mu bundi, nk'uko bikorwa n'Umwuka w'Uwiteka.

Metamorphosis ni uburyo ikiremwa gihinduka kikava ku rwego rumwe kikagera ku rundi rwisumbuyeho. Urugero, ikinyugunyugu gitangirira mu igi, kikavamo urunyo, nyuma kikaba ikivuguto, hanyuma kikavamo ikinyugunyugu cyiza gifite amababa meza. Uko guhinduka ni ko bita metamorphosis.

Ni na ko bimeze ku mukristo. Ubuzima bwacu muri Kristo ntibugenewe kuguma ku rwego rumwe. Imana iduhindura buhoro buhoro, ikatuvana ku rwego rumwe rw'ubwiza ikatugeza ku rundi rurushijeho kuba rwiza. Bibiliya itwigisha ko uko dukomeza kwirebera Imana mu ndorerwamo y'Ijambo ryayo, ari ko tugenda duhinduka tukarushaho gusa na Yo. Komeza ugire Ijambo ry'Imana inshuti yawe ya buri munsi kugeza igihe ubuzima bwawe bugaragaza kamere y'Imana—Imana itigera itsindwa cyangwa ngo ihombe. Emera guhindurwa n'Ijambo ryayo!

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data wo mu ijuru, ndagusaba kumpa inyota irushijeho gukomera yo gusoma no kwiga Ijambo ryawe. Mpa gusobanukirwa na ryo no kurishyira mu bikorwa, kugira ngo rikomeze kumpindura, mu Izina rya Yesu. Amen.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndahindurwa n'Ijambo ry'Imana. Mva mu bwiza njya mu bundi bwiza kubw'imbaraga z'Ijambo ryayo. Umuntu mwiza kurushaho Imana yanteganyirije kuba ari kugaragara mu buzima bwanjye, mu Izina rya Yesu.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Yohana 1:14

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 353
Luka 24:1–35; Zaburi 129–139



UNESHESHA IJAMBO RY'IMANA

Ibyakozwe n'Intumwa 19:20
Uko ni ko ijambo ry'Umwami ryagwiriye cyane, kandi rikomeza kuganza.

Mu mujyi wa Efeso, Intumwa Pawulo yabwirije Ubutumwa Bwiza, abantu benshi bahindukirira Kristo maze bakira agakiza. Ibanga ry'imbaraga ze n'ibikorwa bikomeye yakoraga riboneka mu cyanditswe cy'uyu munsi. Si Pawulo wakomeje gukomera no kunesha, ahubwo ni Ijambo ry'Imana yabwirizaga ryakomeje gukura no kunesha.

Iyo Ijambo ry'Imana rikura muri wowe, ni wowe utsinda umwanzi. Ariko iyo uritererana, umwanzi abona uburyo bwo kukunesha. Ni yo mpamvu ugomba gukomeza kugaburira umutima wawe Ijambo ry'Imana buri munsi. Uko ugenda uryakira, uritekerezaho kandi urishyira mu bikorwa, ni ko rizagenda riganza mu buzima bwawe. Uko ukomeza gusoma iyi Devotional no kwiyegereza Ijambo ry'Imana, uzanesha ibibazo byose kandi uzaganza mu bice byose by'ubuzima bwawe, mu Izina rya Yesu.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, mfasha gukomeza gukurira mu Ijambo ryawe no guhora ndi indahemuka kuri ryo. Mpa imbaraga zo kubaho nshingiye ku mahame y'ijambo ryawe kandi ntuzigere wemera ko nditeshukeho, mu Izina rya Yesu.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ijambo ry'Imana riri muri jye rikomeza gukura kandi rinesha ibyo nyuramo byose muri ubu buzima. Nganza aho nkorera, nganza mu buzima bwanjye, mu murimo w'Imana no mu bice byose by'ubuzima bwanjye, mu Izina rya Yesu.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Yeremiya 23:29

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 354
Habakuki 1–3; Ibyahishuwe 12



NTITURI MU MWIJIMA

1 Abatesalonike 5:2
kuko ubwanyu muzi neza yuko umunsi w'Umwami wacu uzaza nk'uko umujura aza nijoro.

Abantu benshi bakunda gusubiramo aya magambo bavuga ko Yesu azaza nk'umujura nijoro, bagahita bemeza ko nta muntu ushobora kumenya igihe azagarukira. N'ubu uko uri gusoma iyi nyigisho , ushobora kuba udasobanukirwa neza icyo iki cyanditswe kivuga.

Icyanditswe cy'uyu munsi kitwigisha ko twebwe abari muri Kristo tutari mu mwijima ku birebana no kugaruka kwe. Turi mu mucyo, ntituri mu mwijima. Itegereze ku murongo wa 4 muri icyo gice, cya mbere: "Ariko bene Data, mwebwe ntimuri mu mwijima ngo uwo munsi ubatungure nk'umujura." Yesu azaza nk'umujura ku bantu bakiri mu mwijima. Himbaza Imana kuko wowe, uzabimenya, kandi uhereye none, uzakora kugeza agarutse.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, mfasha gukomera ku bifite agaciro kugeza ku munsi Itorero rizazamurirwaho. Nkuyeho imbogamizi zose n'ibirangaza byose byankura mu nzira yanjye yo gukiranuka. Mu Izina rya Yesu.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nzakomeza gukurira mu mucyo w'Umwami wacu Yesu Kristo. Umucyo w'Ijambo ry'Imana uramurikira mu byo nkora byose mu Izina rya Yesu.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Matayo 24:42

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 355
Zefaniya 1–3; Ibyahishuwe 13



FATA UBUTWARE

Abacamanza 5:6
Mu gihe cya Shamugari mwene Anati, No mu gihe cya Yayeli, Ibihogere byarimo ubusa, Abagenzi bagendaga basesera mu tuyira tw'uruboko.Abatware b'Abisirayeli bari baracitse intege, Kugeza ubwo njyewe Debora nahagurutse, Mpaguruka ndi umubyeyi w'Abisirayeli.

Imana igenera abantu ibihe byo kugira umumaro no kuganza mu nzego zitandukanye, haba mu bucuruzi, muri politiki, mu murimo wayo cyangwa mu zindi nzego z'ubuzima. Iha bamwe ubuntu bwo gutegeka no kuganza ibihe. Bibiliya itangira itwereka ko icyo gihe cyari igihe cya Shamugari, ariko mu murongo wa 7, umugore witwa Debora yarahagurutse.

Debora yahagurutse mu gihe cy'undi, kuko uwari waragihawe atahagurutse ngo asohoze inshingano ze. Nawe, ibi ni ibihe byawe. Igihe kirageze ngo uhaguruke ufate ubutware. Umuryango wawe n'abakuzengurutse bose baragutegereje. Haguruka!

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, nzi neza abantu bose bantegereje. Kubw'Umwuka wawe, mpa imbaraga zo guhaguruka nkize umuryango wanjye indwara, ubukene n'urupfu. Nkore uko wabimpamagariye, mu Izina rya Yesu. Amen.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Mfashe ubutware ku bintu byose bireba ubuzima bwanjye. Mfite ubushobozi buva ku Mana bwo gukiza no kuzanira umuryango wanjye impinduka. Ndaganza kandi ndanesha, mu Izina rya Yesu.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Yosuwa 1:3

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 356
Hagayi 1–2; Ibyahishuwe 14



NI WOWE

Matayo 11:3
Mbese ni wowe wa wundi ukwiriye kuza, cyangwa dutegereze undi?

Igihe Yohana Umubatiza yari afungiwe muri gereza kandi ari mu mibabaro, yibutse ikintu kimwe: Yesu ni we Mesiya wagombaga kumukiza. Ntibyumvikanaga kuri we kubona Mesiya ari hanze akora umurimo wa Se, mu gihe we yari akiri mu ngoyi. Ni yo mpamvu yohereje abigishwa be kubaza Yesu ati: "Mbese ni Wowe wagombaga kuza?

Abo mu muryango wawe n'inshuti zawe zose zifite ibibazo bibaza ikibazo kimwe. : "Mbese ni wowe Imana yateguye kugira ngo uzane impinduka muri uyu muryango?" Uyu munsi, hitamo kuba uwo Imana izakoresha ngo icungure umuryango wawe? Ba umuntu uwo kubakura mu bibazo. Babwirize Kristo, ubazanire umucyo.Tangira uyu munsi, kuko ni wowe bamaze igihe bategereje.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, mpa ubuntu bwo gufasha abari mu ngorane. Ngira umucyo umurikira inzira z'ubuzima bwabo mu Izina rya Yesu.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Nahagurukijwe n'Imana kugira ngo mbe umutabazi w'umuryango wanjye. Mfite isoko idakama y'ibyiza nkeneye kugira ngo nshobore gushyigikira abakeneye ubufasha mu Izina rya Yesu.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Yesaya 61:1

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 357
Zekariya 1–2; Ibyahishuwe 15



GoodNews DAILY

HINDURA AHO UBARIZWA

Abeheburayo 12:22
Ahubwo mwegereye umusozi wa Siyoni n'ururembo rw'Imana ihoraho, ari rwo Yerusalemu yo mu ijuru, kandi mwegereye iteraniro ry'abamarayika batabarika.

Bibiliya ivuga ko twegereye Umusozi Siyoni ahari imbaga y'abamarayika batabarika. Ushobora kuba uzi gusa aho uri mu mubiri ku isi. Ariko nk'umwana w'Imana, aho ubarizwa si aho honyine. Ahantu nyakuri ubarizwa mu mwuka ni i Siyoni. Uri umuturage w'i Siyoni, kandi ni ho inkomoko yawe yo mu mwuka ibarizwa.

Muri Siyoni nta mapfa ahaba, nta gutsindwa kuhaba. Aho nta makuba yo mu buzima yakugeraho. Baho nk'umuturage w'i Siyoni kandi uvuge nk'umwana wa Siyoni. Uri uw'Ubwami buruta ubundi bwose.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Ndasenze ngo ubuntu bw'Imana bwuzure ku buzima bwanjye. Ndategeka buri mugisha w'agaciro kunkurikira aho ngiye hose, kandi ubuzima bwanjye bukomeze kugaragaza imigisha y'i Siyoni, mu Izina rya Yesu.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndi umuturage w'i Siyoni, kandi sinzigera mbura icyo nkeneye. Ndategeka ibigega byanjye byose ngo byuzure bisesuye, mu Izina rikomeye rya Yesu.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Zaburi 2:6

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 358
Zekariya 3–4; Ibyahishuwe 16



UMUNSI WACUNGUWE

Abacamanza 6:25-26
Nuko ijoro ry'uwo munsi Uwiteka aramubwira ati "Enda impfizi ya so ntoya, wende n'indi ya kabiri imaze imyaka irindwi, maze usandaze igicaniro so yubakiye Bāli, uteme Ashera iri hafi yacyo,'maze wubakire Uwiteka Imana yawe igicaniro ku kanunga kubatsweho igihome ubyitondeye, kandi wende impfizi ya kabiri uyitambeho igitambo cyoswa, ucyosheshe inkwi za Ashera uri buteme." '

Imana yategetse Gideyoni gusenya igicaniro cya Bāli no kubaka igicaniro cy'Uwiteka aho cyari cyubatse. Aho hantu hacunguwe n'igicaniro gishya cyahashyizwe. Kuri uyu munsi, hari abajya impaka ku kwizihiza ivuka ry'Umwami Yesu Kristo ku itariki ya 25 Ukuboza, bavuga ko iyi tariki yigeze guhuzwa n'imihango ya gipagani. Ariko ihame ry'Ijambo ry'Imana riracyahari: icyakoreshejwe mu buryo butubahisha Imana gishobora gucungurwa, kikegurirwa Imana.

Mu Izina ry'Umwami Yesu Kristo, twafashe uyu munsi turawumwegurira! Icy'ingenzi ntikitiri ku mateka y'ibyabaye mbere, ahubwo ni ku wo Yesu Kristo ari we. Ivuka rye ryabaye intangiriro y'agakiza k'isi n'itangiriro ryo gusohora umugambi Imana yari ifitiye abantu bose.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, ndagushimira ku mpano y'Umwami Yesu Kristo wahaye abari mu isi. Warakoze kohereza Umwana wawe ngo abe umucyo n'agakiza k'abantu bose. Nishimira ivuka rye, kandi umutima wanjye wuzuye ishimwe kubera gucungurwa n'ubugingo naboneye muri We.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Yesu Kristo araganje, kandi intsinzi ye irahamye mu buzima bwanjye. Mbaho munsi y'ubwami bwe, ngendera mu mwuzuro w'intsinzi ye. Haleluya! Kristo yanesheje byose!

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Yesaya 9:6; Luka 2:10–11

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 359
Zekariya 5–6; Ibyahishuwe 17



GoodNews DAILY

IBYO UKENEYE BYOSE BYARATEGANYIJWE

Abafilipi 4:6
Ntimukagire icyo mwiganyira, ahubwo ibyo mushaka byose bimenywe n'Imana mubisabiye, mubyingingiye, mushima.

Tekereza kugira Umubyeyi ufite inka ziri ku misozi igihumbi, Umuremyi w'ijuru n'isi utarigeze aremwa, akaba ari We ubwe uguhamagarira kumubwira ibyo ukeneye byose. Mbega amahirwe adasanzwe! Icyanditswe cy'uyu munsi kitwibutsa ko tutagomba guhangayikira ikintu na kimwe. Ahubwo icyo dusabwa ni ukumenyesha Imana ibyo dukeneye byose.

Uyu munsi, fata umwanya ubwire Imana ibyo ukeneye. Yegere uzane imbere ye fagitire zawe zose,kuko abashoboye kuzishyura. Data wo mu ijuru arakize birenze uko umuntu yabasha kubitekereza, kandi ubutunzi bwe ntibugira iherezo. Ntukemere kubaho mu kubura cyangwa mu mibabaro, kuko ufite So ukize mu ijuru. Mubwire ibikuremereye byose.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data wo mu ijuru, uyu munsi nkumenyesheje ibyo nkeneye byose. Ndagusaba ko ibyo umutima wanjye wifuza bihabwa igisubizo. Mpa ubuntu imbere yawe n'imbere y'abantu bose nzahura na bo. Mu Izina rya Yesu. Amen.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Amasengesho yanjye ahabwa igisubizo cyiza. Nzabaho ubuzima bwuzuye kandi ntazabura icyo nkeneye, kuko ibyo nkeneye byose bituruka ku Mana yo mu ijuru, mu Izina rya Yesu.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Zaburi 50:10

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 360
Luka 24:35–53; Zaburi 140–150



GoodNews DAILY

NTIWONGERE GUHANGAYIKA

Matayo 6:34
Ntimukiganyire mutekereza iby'ejo, kuko ab'ejo baziganyira iby'ejo. Umunsi wose ukwiranye n'ibibi byawo.

Nk'umwana w'Imana, ntiwaremewe kubaho uhangayikishijwe n'iby'ejo. Ejo ni ho gusa hemerewe guhangayikira umunsi uzaza. Imana izi ko ubwenge bw'umuntu bushobora guhora butekereza ku fagitire, ku biribwa, ku myambaro n'ibindi byinshi umuntu akenera. Nyamara Ijambo ryayo riradutegeka kutiganyira ibyo kurya, ibyo kwambara, ubuzima bwacu cyangwa ikindi kintu icyo ari cyo cyose.

Abantu benshi bizera ko Yesu yashakaga kuvuga ko tutagomba gutekereza cyangwa gutegura ejo hazaza. Ariko, si byo yashakaga kuvuga. Guhangayika biva ku bwoba no kutamenya ko uri Intumwa y'Igihugu cyo mu Ijuru. Ijambo ry'Imana ritubuza kwakira ibitekerezo bituzanira guhangayika. Uri imbuto y'Imana, kandi yamaze kuguha imigisha yose ikenewe kugira ngo ubeho ubuzima bwuzuye. Shimira Imana ubu kubw'ibyo izagukorera mu hazaza, kandi uzabona uburyo itegura ibyo ukeneye byose ku bwinshi. Ntugire impamvu yo guhangayika.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, nkumenyesheje ibyo nkeneye byose. Ndasenga ngo buri cyifuzo cyose mfite ukumpe. Ndagusenga ngo umpe igikundiro imbere yawe ndetse n'imbere y'abambona bose mu Izina rya Yesu.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ubuzima bwanjye bufite ibyo bukeneye byose ku bwinshi, kandi ibigega byanjye byuzuye. Mfite ubwenge n'ubutware bwo gucunga neza umutungo Imana yampaye, kandi sinzigera mbura icyiza na kimwe, mu Izina rya Yesu.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Abafilipi 4:6–7

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 361
Zekariya 7–8; Ibyahishuwe 18



UBUTUNZI NYAKURI

Abefeso 3:8
Nubwo noroheje cyane hanyuma y'abera bose, naherewe ubwo buntu kugira ngo mbwirize abanyamahanga ubutumwa bwiza bw'ubutunzi bwa Kristo butarondoreka.

Mu bihe bya 2025–2026, umuhora wo mu nyanja wa Hormuz wabaye kimwe mu byateye ihungabana rikomeye mu rwego rw'ingufu ku isi, bituma ubukungu bw'ibihugu byinshi bugira ingaruka, kuva muri Amerika y'Amajyaruguru kugeza muri Aziya no muri Afurika. Biratangaje kubona inzira imwe ifunganye yo mu nyanja ishobora kugira ingaruka ku bukungu bw'ibihugu byinshi biri kure yayo.

Ibihugu byubaka ubukungu bwabyo ku bumenyi bw'abantu. Ariko Bibiliya itubwira iby'ubutunzi bwa Kristo butagerwa n'ubwenge bw'umuntu. Ubu butunzi burenze peteroli, zahabu cyangwa diyama. Muri Kristo dufite ubutunzi burenze kure igisobanuro cy'ubutunzi. Uko ugenda wuzuza umutima wawe Ijambo ry'Imana, ni ko uzagenda ubaho ushingiye ku butunzi bwa Kristo. Ntuzahungabanywa n'ibibazo cyangwa ihungabana ry'ubukungu bwo kuri iyi si, kuko isoko y'ibyo ukeneye iva mu ijuru.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, reka isoko yanjye ihore itemba buri munsi wose w'ubuzima bwanjye. Ndasenga ngo amaso yanjye afungukire kubona ubutunzi bwose bunzengurutse.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndatura kandi ndategeka isoko yanjye itazigera ikama. Ibikorwa byose bibi bibera kuri iyi si ntibizigera bigira ingaruka ku buzima bwanjye, mu Izina rya Yesu.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Abefeso 2:7

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 362
Zekariya 9–10; Ibyahishuwe 19



ABAHUNGU N'ABAKOBWA B'INKUBA

Mariko 3:17
na Yakobo mwene Zebedayo na Yohana mwene se wa Yakobo na bo abita Bowanerige, risobanurwa ngo "Abana b'inkuba".

Abavandimwe babiri bavugwa muri iki cyanditswe—Yakobo na Yohana—ntibiswe "Abana b'Inkuba" ku bw'impanuka. Bari abantu barangwaga n'umurava, ishyaka n'umuhate. Igihe Abasamariya banze kwakira Yesu, bahise bavuga bati: "Mwami, urashaka ko dutegeka umuriro ukamanuka mu ijuru ukabarimbura?" Nubwo Yesu yabacyashye, ibyo byagaragaje ukuntu bari bafite ishyaka rikomeye ryo kurwanira icyubahiro cy'Ubwami bw'Imana.

None se wowe, ni irihe zina uzwiho mu mwuka? Ni iki uzwiho? Fata umwanzuro ko uhereye uyu munsi uzamenyekana ku kintu gikomeye kandi gifite umumaro. Bishobora kuba ari kuzana abantu benshi kuri Kristo, gufasha abakene n'abatishoboye, kuba umukozi w'indashyikirwa aho ukorera. Ba umuhungu cyangwa umukobwa w'inkuba mu buryo bwihariye.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, ndagusaba ko amavuta yawe n'ubuntu bwawe bigire umusaruro ku buzima bwanjye. Reka izina ryanjye rimenyekane kubera ibikorwa byiza, mu Izina rikomeye rya Yesu.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Ndatura kandi ndategeka ko mfite umuriro w'Imana. Nzabarwa mu ntwari z'ukwizera. Nzi Imana yanjye, kandi nzakora ibikorwa bikomeye, mu Izina rya Yesu.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Luka 9:54

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 363 Zekariya 11–12; Ibyahishuwe 20



IBYIRINGIRO BY'UBWIZA

Abakolosayi 1:27
abo Imana yishimiye kumenyesha ubutunzi bw'ubwiza bw'ubwo bwiru bwageze mu banyamahanga, ari bwo Kristo uri muri mwe, ari byo byiringiro by'ubwiza.

Ishoramari riruta ayandi umuntu yakora ni ukwakira Umwami Yesu Kristo nk'Umukiza n'Umwami w'ubuzima bwe. Ni We utanga icyizere gihamye ko ejo hawe harinzwe kandi hafite umutekano. Bibiliya ivuga ko Kristo uri muri wowe ari we byiringiro by'ubwiza. N'ubwo ibintu bishobora kuba bitagenda nk'uko wabyifuzaga, ariko Imana ituye muri wowe ni gihamya ihagije ko ejo hawe hazarushaho kuba heza.

Uyu mwaka ugeze ku musozo, kandi ushobora kuba urebye inyuma ukibwira ko hari byinshi wari gukora neza kurushaho. Ariko shimira Imana, kuko kubw'ubuzima bwa Kristo buri muri wowe, igihe kiri imbere kirarushaho kuba cyiza kandi cyuzuye umugisha. Amavuta y'Uwiteka azaguha kurangiza uyu mwaka mu bwiza no gutangira ibihe bishya ufite icyubahiro kirushijeho.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Data, ndagushimira ko ejo hanjye harinzwe muri Wowe. Reka buri bihome byose by'umwanzi bisenywa, mu Izina rya Yesu. Ubwiza bwawe bibukomeze bugaragarire mu buzima bwanjye ndetse no muri iyi minsi ya nyuma y'uyu mwaka.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Imbaraga z'Imana ziri muri jye. Ndategeka ngo imigisha yose yari ihishe yigaragaze uhereye uyu munsi. Jye n'umuryango wanjye tuzabaho kugira ngo tubone ubwiza bw'Imana, mu Izina rya Yesu.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Abagalatiya 2:20

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 364
Zekariya 13–14; Ibyahishuwe 21



URANGIZA NEZA

2 Timoteyo 4:7
Narwanye intambara nziza, narangije urugendo, narinze ibyo kwizera.

Icyanditswe cy'uyu munsi gikunze gukoreshwa mu bihe bitandukanye. Hari abagisoma mu mihango yo gushyingura cyangwa mu bihe by'agahinda. Nyamara ubutumwa bwacyo burenze ibyo, ni amagambo y'umuntu witegereje agasanga yirutse isiganwa neza kandi arisoza neza.

Nawe, uyu mwaka uwurangije neza. Wakomeje kwizera, akndi ubu ni igihe cyo kwitegura ibihe bishya biri imbere. Fata umwanya utekereze ku byo ugomba kunoza, hanyuma usabe Umwuka Wera abigufashemo Muri byose uzatangira neza kandi urangize neza birushijeho. Urangiza neza mu Izina rya Yesu.

ISENGESHO RY'UYU MUNSI

Mwami, ndagushimira ku bw'uyu mwaka urangiye. Mu gihe ninjira mu mwaka mushya, mfasha kwibanda ku bintu bifite agaciro kurusha ibindi. Randura ikintu cyose cyabangamira intsinzi yanjye, mu Izina rya Yesu.

IJAMBO RYA GIHANUZI

Mu gihe nsoza uyu mwaka, umugisha wose nashoboraga kuba naracikanwe nawo ndawambukanye mu mwaka mushya. Nteguye umwanya mu mutima no mu mwuka byanjye wo kwakira imigisha y'umwaka uje mu Izina rya Yesu.

GUSOMA BYISUMBUYEHO
Abaheburayo 12:1

GAHUNDA YO GUSOMA BIBILIYA MU MINSI 365 - UMUNSI WA 365
Malaki 1–4; Ibyahishuwe 22



UMUYOBOZI WAWE WA GIHANUZI WA BURI MUNSI

InkuruNziza ya Buri Munsi yishimiye kumurika ibyiciro bishya byandikiwe abana ndetse n'ingimbi mu buryo bwihariye, bikaba bije biherekeza Icyiciro cyari gisanzwe. Buri cyiciro gitanga Ijambo rya gihanuzi rya buri munsi rivuye ku mutima w'Umuhanuzi Uebert Angel, rikagaragazwa mu buryo bwumvikanira buri wese ku myaka ye kandi rigahuza buri wese mu muryango.

Izi nyigisho zanditswe neza kugira ngo Ijambo ry'Imana rigire ubuzima mu buryo bwisanisha n'ubuzima tubamo kandi rigire umumaro, bityo rifashe abarisoma gukura mu kwizera, mu bwenge ndetse no gukura mu mwuka. Intego yacu ni ugushimangira ko ukuri kw'Imana kugera ku mutima wa buri wese ku kigero cye, bikabatera gushaka kugirana urugendo rwimbitse n'Imana buri munsi.



CYICIRO CY'INGIMBI
Kijya byimbitse gikoresheje ihishurirwa rikomeye riha ubushobozi abato bwo kunyura mu bibazo by'isi bafite ubwenge bw'umwuka n'imbaraga.

ICYICIRO CY'ABANA
Cyanditswe ku buryo kibasha kugaragaza ukwizera, urukundo ndetse n'amasezerano y'Imana mu buryo bushimishije kandi bwisanisha na buri wese bigafasha imitima y'abana kugirana umubano ukomeye n'Imana kandi bikazana inyigisho za Bibiliya mu buzima busanzwe.

Buri munsi, uzabona Ijambo ryawe rya Gihanuzi ryanditswe n'Umuhanuzi Uebert Angel, ubutumwa buva ku Mana bwo gukomeza urugendo rwawe n'Imana kandi bukakuyobora mu kubaho mu Ijambo ryayo. Ni uburyo bukomeye bwo gukura hamwe nk'umuryango mu kwizera kandi bigakomeza gusobanukirwa ukuri kw'Imana kwawe.

NTUCIKWE!
Tangira kubona imbaraga zihindura ziri mu NkuruNziza ya Buri Munsi, umuyobozi wa gihanuzi wagenewe kuzamura ndetse no kwereka ibyiza buri kigero!

SCAN ME



UMWAMI WACU

YESU KRISTO

Umwami wacu Yesu Kristo ni we buye rukomeza imfuruka ry'Ukwizera kwa Gikristo, ubuzima bwe n'inyigisho ze byagize ingaruka ku mateka y'isi. Umwami wacu Yesu Kristo azwiho urukundo rutagereranwa, ubwenge, n'ibitangaza yakoze. Ubutumwe bushingiye ku rukundo, imbabazi, ndetse n'isezerano ry'Ubuzima buhoraho, bitanga ibyiringiro no gucungurwa kuri bose bamwizeye. Mu murimo we, yagiye hose ku butaka bw'I Yudeya, akiza abarwayi, ahumuriza abaremerewe, kandi yigisha iby'ubwami bw'Imana buhoraho.

Kwakira Yesu Kristo nk'Umwami n'Umukiza w'ubugingo bwawe bisobanuye kwakira inyigisho ze no kwemerera ukubaho kwe guhindura kukaza mu buzima bwawe. Ni urugendo rugana mu gutunganirwa kw'umwuka, rushinze imizi mu kwizera, urukundo, no mu isezerano ry'agakiza.

Mu Mwami wacu Yesu Kristo, tubonamo imbaraga, ibyiringiro, n'inzira ijyana ku mahoro adashira. Guhindurwa mushya, cyangwa se gukizwa, ni ukubaha Imana n'umugambi wyo ndetse n'ubushake bwayo ku buzima bwacu. Ni ukuva mu migendere yacu ya kera tugahundukirira Yesu Kristo, kumusaba imbabazi z'ibyaha byacu maze akaduha ubuzima bushya muri We.

Abaroma 10:9 haravuga hati: "Niwatuza akanwa kawe yuko Yesu ari Umwami, ukizera mu mutima wawe yuko Imana yamuzuye uzakizwa."

Agakiza ni impano itagira ikiguzi duhabwa n'Imana maze tukaba abana bayo. Ni ukwemezwa kudasubirwaho mu muryango w'Imana kandi ni imbaraga duhabwa zo kubaho ubuzima bwuzuye kandi bwiza dufite intego yo kwerekana Imana ku bindi biremwa byayo.



ESE WAKIRIYE

YESU KRISTO?

"kandi Umwana w'umuntu yazanywe no gushaka no gukiza icyari cyazimiye." -Luka 19:10

TURAGUTUMIYE KUGIRA NGO UHINDURE YESU KRISTO UMWAMI W'UBUZIMA BWAWE MU GUSENGA IRI SENGESHO

O Mwami Imana, nje iwawe mu Izina rya Yesu Kristo. Nizeye n'umutima wanjye wose muri Yesu Kristo, Umwana w'Imana Nzima. Nizeye ko yampfiriye kandi Imana ikamuzura mu bapfuye. Nizeye ko ari muzima uyu munsi. Ndatuza akanwa kanjye ko Yesu Kristo ari umwami w'ubuzima bwanjye guhera uyu munsi. Muri We no mu Izina rye, mfite ubugingo buhoraho; mvutse ubwa kabiri. Urakoze Mwami, gucungura ubugingo bwanjye! Ubu ndi umwana w'Imana. Haleluya!

Mbega ibyishimo!
Ubu ubaye umwana w'Imana.

Komeza gukura uguma mu Ijambo ry'Imana, usenga buri munsi, kandi ukomeze ukwizera kwawe. Imana igufitiye ibyiza bihambaye mu rugendo rwawe ruri imbere!

Ukeneye ubufasha kugira ngo ukomeze gukura muri Kristo waduhamagara:
UK: +44 3333 448 612 | **USA** +1 240 781 6942
RSA: +27 51 004 0209 | **ZWE** +263 773 195 955
Email: gnd@goodnewsworld.com

SCAN ME



ISAIAH 54.

14. Nubatswe nkomeye, nshinzwe mu gukiranuka. Kure y'ikibazo cyose – ntacyo gutinya! Kure y'ibiteye ubwoba – ntabwo bizananyegera!
15. Umuntu uwari we wese nantera, ntabwo nzatekereza na rimwe ko ari Imana yamwohereje. Kandi nantera, ntakizavamo.

16. Imana yaremye umucuzi utwika inyundo ye, agakora intwaro yagenewe kwica. Ni nayo yaremye umurimbuzi.

17. Ariko nta ntwaro yagira icyo intwara yigeze icurwa. Uwo ari we wese undega azirukanwa nk'umunyabinyoma. Ndi umukozi w'Imana bityo iki nicyo nategereza, ko Imana izakora ku buryo buri kintu gikorera kuzana ibyiza birusha ibindi byose ku bwanjye.

Ibi ni byo Imana imbwira kandi ntibizabura gusohora mu Izina rya Yesu!

eneye ubufasha kugira ngo ukomeze gukura muri Kristo waduhamagara:
UK: +44 3333 448 612 **| USA** +1 240 781 6942
RSA: +27 51 004 0209 **| ZWE** +263 773 195 955
Email: gnd@goodnewsworld.com

SCAN ME



IYEREKWA RY'ISI YOSE

RIKENERA INGENGO Y'IMARI Y'ISI YOSE

BA UMUFATANYABIKORWA W'INKURU NZIZA YA BURI MUNSI



Buri kwezi abafatanyabikorwa bacu, bashyikiriza ibitabo by'iyi nyigisho y'Inkuru Nziza ku buntu ku bantu bari mu bigo by'imfunyi, za gereza, mu bitaro, mu nzu z'abakuze, mu bigo bya leta ndetse n'ahandi henshi ku isi yose. Twakiriye ubuhamya bw'abakiriye agakiza, abakize indwara, guhabwa kw'igitangaza n'ibindi byinshi byaje nk'umusaruro wo gutanga iyi nyigisho ku isi yose.

Ifatanye hamwe natwe muri uyu murimo w'Imana uha umuntu amahirwe yo gutangira bundi bushya no kugira ibyiringiro by'ejo hazaza.

Ifatanye natwe uba Umufatanyabikorwa n'Inkuru Nziza ya Buri Munsi
UK: +44 3333 448 612 | **USA** +1 240 781 6942
RSA: +27 51 004 0209 | **ZWE** +263 773 195 955
Email: gnd@goodnewsworld.com

SCAN ME



UBUTUMWA BUMWE

MU NDIMI NYINSHI

KUKO UBUTUMWA BWA KRISTO BUTAGIRA UMUPAKA W'URURIMI

InkuruNziza ya Buri Munsi iri guhindura ubuzima ku isi yose binyuze mu kuyisemura mu ndimi nyinshi, biha amahirwe benshi yo kuyisoma bakamenya ubumenyi bwa Yesu Kristo bukiza. Mu bihugu no mu mico itandukanye, abantu batandukanye babona Ijambo rya Gihanuzi kandi bakabaho ubuzima bw'impinduka hamwe n'Imana muri iyi nyigisho.



NkuruNziza ya Buri Munsi iri kurenga imbibi kandi ikavuga byeruye mu mitima y'abantu mu rurimi rwabo bumva. Kuva mu ngo no mu mashuri kugera mu nsengero, za kaminuza ndetse no mu bayobozi n'abakuru b'ibihugu, iri kugera muri buri rwego rw'imibereho.


Mu gutwara Ijambo ry Gihanuzi ry'Umuhanuzi Uebert Angel muri buri gihugu ndetse na buri rurimi, InkuruNziza ya buri munsi iri gufasha mu gusohoza umukoro ukomeye wo kubwiriza ubutumwa bwiza muri iki gihe.

KUGIRA NGO UBE UMUFATANYABIKORWA WASURA URUBUGA RWACU:

GoodNews DAILY

IKAZE KU

RUBUGA RWACU



MENYA BYINSHI USURA URUBUGA RWACU UYU MUNSI

Sura urubuga rw'Inkuru Nziza ya Buri Munsi kugira ngo ubone inyigisho z'abakuru, ingimbi ndetse n'abana, buri yose yandikanywe ubushishozi kugira ngo ikomeze kwizera kwawe kandi yongere kumva Ijambo ry'Imana kwawe byimbitse. Urubuga rwacu kandi ruriho n'inyigisho zikomeye z'Umuhanuzi Uebert Angel, amakuru agezweho ku bikorwa by'Inkuru Nziza ya buri Munsi, ndetse n'ibindi bikoresho byagenewe kugufasha gukura no gukomera muri buri gice cy'ubuzima bwawe.

Waba ukeneye ijambo ryo kugukomeza buri munsi, ihishurirwa ryimbitse, cyangwa se uburyo bwo gukomeza kumenya amakuru yo mu isi y'Inkuru Nziza (GoodNews World), buri cyose wifuza kuboneka hamwe ku rubuga rw'Inkuru Nziza ya buri munsi (GoodNews Daily Website)

Dukurikire ku mbuga nkoranyambaga:
@goodnewsdailydevotional
For daily encouragement, teachings and uplifting messages.

URUBUGA RWACU

www.goodnewsdailydevotional.com

INGINGO YA 4 | 2026

UKWAKIRA-UGUSHYINGO-UKUBOZA

kuru Nziza ya Buri Munsi ni inyigisho itunganywa na Spirit Embassy: Urusengero rw'Inkuru Nziza, isakaza inyigisho za Gihanuzi n'ihishurirwa ry'Umuhanuzi Uebert Angel. Yashyiriweho gusakaza ubutumwa bwa Yesu Kristo no gukomeza abizera mu Ijambo ry'Imana.

KU BINDI BISOBANURO, UKENEYE ISENGESHO CYANGWA USHAKA KWIFATANYA NATWE, WAHAMAGARA ISHAMI RIKWEGEREYE:

Branch Name: SPIRIT EMBASSY RWANDA
Contact Person: INEZA Louange
Phone Number: 0783834861
Address:Salama Hotel, Kiyovu

Copyright © 2026 by Uebert Angel
All rights reserved.

support@goodnewsworld.com
www.goodnewsworld.com

Ukeneye ibindi bisobanuro cyangwa se gutanga ubuhamya:
gnd@goodnewsworld.com | www.goodnewsdailydevotional.com

Ukeneye ko tugufasha mu rugendo rwo gukura nk'Umukristo waduhagara:
UK: +44 3333 448 612 | **USA** +1 240 781 6942
RSA: +27 51 004 0209 | **ZWE** +263 773 195 955
Email: gnd@goodnewsworld.com

SCAN ME



Ukeneye ubundi bufasha k'uko wakura nk'umukristo, waduhamagara kuri:

UK: +44 3333 448 612
USA: +1 240 781 6942
RSA: +27 51 004 0209
ZWE: +263 773 195 9555

gnd@goodnewsworld.com
goodnewsdailydevotional.com

FOTORA HANO UBONE IYI NYIGISHO KU BUNTU